# Kandi Ntabwo Ubizi

Jeffersonville, Indiana USA

15 Kanama 1965

1 Urakoze, Mwene Data Neville. Umwami abahe umugisha. Nagiye mu kintu runaka, siko biri? Njyewe - ndifuza mu by'ukuri gushimira Umwami kubwo kuba yitaye ku muhungu wa Mwene Data Capps. We - biragaragara ko ari muri uyu mwanya muto mvuye muri Indiana. Nzi ko batarimo gufata ku mfatamajwi (bande) ibi; sintekereza. None, nta muntu mbona yo. Rero bo … Naragarautse kugira ngo njye guhiga agatimbo. Kubw'ibyo, ndatekereza ko Charlie agomba kunyihanganira, we na Nellie, n'abandi muri Kentucky, mu gihe cy'umunsi umwe cyangwa ibiri, kubw'umuhigo w'udutimba. Njyewe - nahitamo kubura icyo ari cyo cyose, ikindi icyo ari cyo cyose cyo mu bwoko bwo kwidagadura, kugira ngo nze aha … Ahagana muri Kanama hagati kugira ngo njye guhigana udutimba, na Charlie na Banks, kimwe n'abandi bose. Birasa naho byahindutse umuco kuri njye. Rero nazanye Joe …

2 Igihe twari turi aha ikindi gihe, abantu bose bararwaye, kubera impinduka y'ikirere gishyushye cyane kuri icyo - kuri icyo kirere gihehereye kiri aha. Nziko mwebwe, mutumva icyo gihehereye, ariko muze inshuro imwe muri Arizona. Ubushye bwri kuri 43C mu gicucu ubwo nahavaga mu gitondo, igihe cya nijoro igihe akayaga k'amafu kamanutse mu misozi; byari na none 36C. Murabona, ibyo, byabaga ari mu gicuku, igihe akayaga ka mafu kabaga kamanutse. Muri ako gace, baba bari rwose mu gihe cy'ubukonje, ariko mu mpeshyi bifasha za sikoropiyo n'imiserebanya, ntabwo ari ibiremwa muntu. Kandi ndetse inyamanswa zose zigira mu misozi. Ntizibasha rwose kwihanganira ibyo.

3 Kandi nitoje kurashisha akabunda kanjye gato kandi nda… Ku buryo bumwe cyangwa ubundi nifuzaga kubabwira iby'umwana wa Capps. Nuko Joe, biraza gusaba ko muha imbunda, kubera ko ashobora kurasa neza kundenza. Twarayiringanije mu kurasa, kandi njyewe - nateraga udusumari hafi kuri metero 46. Nuko nabwiye … Joe aravuga ati, « Ndizera ko nabishobora. » Umwana yari arwaye umutwe. Nari namusengeye, yari afite umuriro mwinshi. Yaje ku rubuga rwo kurasa hamwe na njye, Ku murambararo wa kabiri ku icumi mu mbunda ifite 22, uhuza umurongo wo kurasa ku metero 23, nuko na none kuri miringo itanu, neza neza nkuko byaba ari ku ya 2 ku icumi. Kubw'ibyo rero … Nari nayiringanije ku metero 23. Kandi nari nsigaje udusumari tubiri, nuko naradushinze, kandi Joe yaraduteye twose uko ari tubiri! Kubera ko ntari ngifite udusumari, nashyizeho akamanyu k'inuma yo mu ibumba iyo abitoza kurashisha imbunda ya rasoro, imeze nk'inyoni bari baturikirije aho, kandi kapimaga hafi milimetero 6 z'ubugari, yakarasiye ku m 46, kandi yagaciyemo kabiri. Kandi ijisho ry'imbunda ryari riringanije ku ndoro ya njye, rwose imyaka mike iraba ikuze cyane kumurenza. Nuko arambwira, ati "Urabizi ? Ni ngombwa ko njya kubwira Billy ngo ajye ahagarara kure uhereye ubu." Murabona?

Rero navuze nti " Umva, tugende wereke ibyo Mwene Data Norman."

4 Naravuze nti, "Joe, mu marushanwa, mu isi yose, (uwabasha wese) nta n'umwe …" Nyamara, udusumari ntitwari twinjiye duhengamye, twari twinjiye tuboneje. Kandi ako kamanyu katari kagipima ibirenga milimetero 6, ndatekereza, milimetero 2 z'umubyimba na milimetero 6 z'ubuhagarike, yagaciyemo tubiri, ku metero 46. Naravuze, nti "Nta muntu mu isi wajyaga kubasha kuboneza neza kurenza ibyo. Abahiga bajyaga gukora bimwe, ariko ntibajyaga kubasha gukora inshuro eshatu barasa birenze ibyo." Agasumari ntikari kigonze gaca mu rupapuro, kari kapfumuye akobo rwose k'uruziga. Rero naravuze, nti "Ntamuntu wajyaga kubasha kurasa intego irenze ho." Ndatekereza ko uburwayi bwe bw'umutwe bwari bwagiye burundu uwo mwanya.

Nuko naravuze, nti "None, wereke ibyo Mwene Data Norman," ukora mu iduka ry'ibikoresho by'imikino field and stream rya Mwene Data Tony Stromei.

Yaravuze, ati "Mbere na mbere tunyure kwa Billy." Yaravuze, ati "Njyewe - ndifuza kubwira ikintu runaka Bubby." Murabibona? Kandi, mu kuri, mwenese ntiyigeze na rimwe akora byiza nk'ibyo. Rero yaravuze, ati "Tunyure mbere na mbere aho."

5 Hanyuma, nari nkimara kurenga irembo … Billy yari akiri mu myambaro ararana. Nuko yaravuze … Tugiye kare, kubera ko nyuma, harashyushye cyane. Nuko rero yaravuze … Telefone yarasonnye, nuko naravuze … Ahubwo yaranyitegereje gutya. Naravuze, nti "Birashoboka ni uguhamagara k'umurwayi." Kandi ni Mwene Data Capps, wamuhamagaraga kubw'umuhungu we wari icyo gihe, mu cyumba cyo kubagirwamo, arwaye urwugara rwo mu nda n'ibijyana na byo. Kandi yari amze kumbwira ko umuhungu we yorohewe neza, neza cyane.

Rero, murabona uburyo Imana yakoze, ndetse kubw'ijwi ry'ako gahungu gato, Joe. Aho kujya kwa Mwene Data Norman … Yajyaga kuba atari yo, twaraje, kandi Mwene Data Capps na njye twaravuganye … Ntabwo mvuga ko byari kubw'impamvu y'amasengesho yacu, ahubwo byasobanuraga muby'ukuri byinshi kuri we ko tubonye kuvugana gutyo. Kandi, mukuvuga ukuri, ni kuby'iyo mpamvu … None, ni ngombwa ko mugira ukwizera mu byo mukora. Murabibona? Kandi uko - ukwizera kwe kugira ngo ahamagare, kandi Billy yavuze ko we …

Yabitangaga amafaranga; nuko yaravuze, ati "Bigomba kuba ari uguhamagara kw'ahantu kure, niko

yavuze, yatanze hafi amadolari atanu mu biceri, mu i … Kubw'uguhamagara ku minota itatu.”

Natekerezaga ko yari iturutse i New York, cyangwa muri bimwe mu birwa cyangwa ikintu runaka nk'icyo. Yari yakoresheje itumanaho rya telephone rifite inyongera, kugira ngo avugane na Billy mu cyimbo cya Loyce, murabibona, nicyo cyatunye bimuhenda cyane.

Kandi none, umuhungu we aroroherwa. Mwene Data Capps yavugaga ko kubw'umuganga yari afite amahirwe make yo kubivamo, murabibona, yo kubagwa. Nuko turashimira Imana muri iki gitondo, turanezerewe cyane kubwe.

6 None, twagarutse muri iki gitondo ahagana mu museke, kandi kubw'ibyo nasinziriye hafi amasaka atatu, kandi - kandi ndananiwe cyane. Ariko igihe iteraniro … cyari igihe cyo kuza ku iteraniro, none, naje.

Kandi njyewe … Niba Umwami abishatse, noneho, ngomba kujya muri Kentucky, nk'uko nabivuze. Na none mfite - nasezeranye kubwiriza ku cyumweru ngarutse aha, rero naba nkoze neze mbikoze icyumweru gitaha, kubera ko kucyumweru kizakurikiraho, nzaba ndi … Nzagomba kugaruka, bitewe nuko ngiye kongera kujya, aho muri Canada. Rero njyewe - naba nkoze neza mbikoze ku cyumweru gitaha, kandi, kucyumweru gitaha mugitondo.

Kandi Mwene Data Neville yarambwiye, ati “Kubera iki utaribusohoke ngo usuhuze abantu kandi ngo ubavugishe iminota mike?”

Naramubwiye, nti “Mwene Data Neville, amaguru ni aya, niba ndetse nabumbuye Bibiliya yanjye.” Naravuze, nti “Njyewe, …”

Yarambwiye, ati “None, genda ugire icyo ubabwira.” Mushiki wacu Neville, njyewe - sinzi uburyo mubivamo. Ni umuntu w'intyoza cyane.

Ariko mu gihe …

7 Simfite uburyo bwo kuvuga ibyo igihe icyumba cyuzuye gisendereye, cyuzuye mu buryo buhagije, n'ibindi byose, ariko ndashimira Imana kubw'Umushumba nka Mwene Data Orman Neville, umwiringirwa, na none umwiringirwa ku buryo bushoboka kubw'Impamvu, kandi ntiwamwumva na rimwe yitotomba. Nari nicaye hariya inyuma … Nagiranye ikiganiro cyiza cy'igice cy'isaha na we, mu gihe nari mfite ubwuzu bwo kumva Mwene Data Mann, kandi rero, nzamubwira birebire cyane kuri byo igihe tuzaba turi muri Colorado Uyu mwaka.

Twari turimo gushima Ubutumwa bwe, kandi nagiranye ikiganiro cyiza na Mwene Data Neville. Namubwiye, nti « Simbasha ndetse kuvugisha abantu b'Umushumba wacu w'umunyamurava. » Naramubajije, nti « Ese abantu bakwitaho? »

Yaravuze, ati « Ntibyajyaga kuba byiza. »

Nuko naravuze, nti « None, nejejwe rwose no kumva ibyo.‟ Igihe Umushumba anyuzwe, kandi abantu bakaba banyuzwe, ibyo bigira muby'ukuri Itorero ryiza; nuko rero Imana iba inyuzwe. Kandi niteguye kubabona bose banyuzwe, cyane cyane muri uyu munsi, aho dutanga Ubutumwa. Ntekereza ko ibyo bigaragaza ubumwe bw'Ubutumwa n'abantu, kandi n'Imana. Murabibona?

8 Kandi muby'ukuri ndashimira kubwa Mwene Data Orman Neville, kubw'umugore we w'agaciro gakomeye n'umuryango we. Nsaba Imana ngo ibarinde ari abiringirwa kuri Yo kandi kubw'Impamvu. Kandi niba Ibona ko ari byiza, tuzabashe kuba turi aha mu Ihema, igihe Umwami Yesu azaza kudushaka, murabibona, kugira ngo atujyane mu Izamurwa. Turizera ko twese tuzaba twese twembi abasaza cyane, Mwene Data Neville, ko tuzagira buri umwe ukuboko k'uwundi, duhagaze aho twemye, twishingikirije ku nshyimbo yacu, tugerageza na none guhagarara neza. Murabibona?

“Rero tuzahindurwa mu kanya gato, akanya nk'ako guhumbya.”

“Kandi aya makanzu y'umubiri azavaho, kandi Tuzazamuka dufate igihembo gihoraho,

Kandi tuzaterahejuru, twogoga ibirere; “ Ku Mana, ku Mana,” saha inezeza y'ugusenga. Rero tuzaba tugiye aho hejuru.

9 Numvise ko Umwami yakijije Mwene Data Coomer, kandi ndabishimira muby'ukuri. Hari ibintu byinshi. Rero, ndashimira kuba ndi aha muri iki gitondo. Kandi nibwiye ko mu mwanya wo ku… Nza aha igihe cyose mfite ingingo itomoye, kandi nkabwiriza … Nibwiye ko muri iki gitondo, najyaga rwose gukomeza. Navuze, nti “Mwene Data Neville, nzitondera isaha mu by'ukuri nta kibazo. Kandi nzareka abantu basohoke ku isaha, kandi rwose mbambwirane umutima wagutse, mu gihe cy'iminota mike; rwose ibintu, byo dufite gusa - byo tuzi ko badafata ku mfatamajwi habe na kimwe, rero tugiye gusa gusabana bya kivandimwe, nk'uko hari gusa abantu aha b'Iteraniro, murabibona, gusa hagati yacu.” Rero, dusenge.

10 Yesu ukundwa, turagushimira kubw'ubuntu dufite bwo guteranira aha. Kandi, oh, mukureba iri hema kare muri iki gitondo, nyuma y'igicuku, mu gihe nanyuragaho, natekereje kuri mama uwo Wowe, Washyigikiye. Kandi ndibuka ikizenga cya kera cyari kiri aha, no ku byatsi birebire bibi byari bihagaze ku buryo bugaragara ahantu ndetse hari uru ruhimbi. Igihe nari muto, njyewe - nahagaze aha. M. Ingram yari yavuze ko twajyaga kubasha kubona ikibanza ku mafaranga make cyane, ko twari dufite gusa gutanga ingwate; ntitwari dufite amafaranga. Ntacyo gutanga nk'ingwate, ntacyo gutanga, ariko gusa kugerageza. Kandi, icyo gihe, cyari gifite agaciro mbumbe karenzeho buhoro ibihumbi bibiri by'amadolari; yo kwishyurwa mu myaka makumyabiri.

None, Mwami, rirebe uyu munsi! Igihe ryari rikiri mu ntangiriro zaryo, na none aha mu musingi, kandi amazi yacengeraga, Wari waraduhaye iri sezerano, kubw'Ijambo; "Njyewe, Uwiteka, narayiteye, nzayuhira ku manywa na nijoro, ntinyA ko bayirimbura mu kiganza cya Njye." Mu gihe kimwe, abantu baravugaga, bati "Mu mezi atandatu ataragera, izahindurwamo ahantu bakorera ibinyabiziga.

11 Ariko hari ku buryo bugaragara ibihumbi by'abantu baboneye Kirisito aha ku gicaniro. Kandi Ihema, Ibatirizo ntiryatuje … Abantu babatijwe mu Izina ry'Umwami Yesu; bambaza Izina rye kandi buhagiwe ibyaha byabo. Amajana y'abamugaye, n'imbabare, n'impumyi, y'abacumbagira, y'abaremaye, y'abantu bamunzwe na kanseri bagiye bavuye kuri uru ruhimbi; babaga baje ari abapfa, abagabo n'abagore, abahungu n'abakobwa, kandi barongeye baragenda kugira ngo babeho ubuzima bushya; bataye utugare twabo tw'abamugaye, imbago zabo, n'ibindi byose. Oh! Mana, iyi myaka mirongo itatu y'umurimo!

Data, ibuka igitondo igihe twashyizeho ibuye rya mbere. Kandi waduhaye iyerekwa aho, ryatwerekaga icyumba cyuzuye gisendereye, ahantu heza; njyewe - nari nziko bitabashaga guteba. Ni yo mpamvu ngushimira kubw'ibyo bintu byose.

12 Benshi muri bo barwanye intambara nziza, bashoje isiganwa, barinze Ukwizera; baruhukiye hariya, barategereje, baruhutse ubu imihati yabo, kuko imirimo yabo ibakurikira; bategereje isaha aho impanda izavuga, aho bazongera guhaguruka kubw'ubuzima bushya, mu mubiri mushya. Benshi muri bo bari abasaza n'abatitimira, abandi abasore, ab'ikigero kiringaniye, n'abandi n'abandi. Ariko Izina ryawe rihimbazwe kubwa buri wese muri bo.

None, twongeye guhagarara aha, imbere y'a - abazima n'abapfuye. Ndagusaba ngo usige amavuta Amagambo Yawe muri iki gitondo. Sinzi icyo navuga, ariko ndagusabye ngo Ugitange, icyo Wakoze igihe cyose, Mwami.

Ha umugisha umushumba wacu, Mwene Data Neville, n'umufasha we. Ha umugisha inama y'abashinzwe imirimo, inama y'abadiyakoni, buri rugingo rw'Umubiri. Tubashe, twese hamwe, kubaho kuburyo muri ubu buzima ko twabona Ubugingo buhoraho mu buzima buzaza. Dufashe muri iki gitondo kwemera ugukosorwa guturutse ku Mwuka no ku Ijambo, kugira ngo tubafashe kwitegura, igihe turibuve aha muri iki gitondo, dufite ukwiyemeza guhamye mu mutima wacu ko kubaho ubuzima bwiza buruta ubwacu bwabayeho kubw'igihe cyashije. Tubisabye mu Izina rya Yesu. Amina.

13 None, njyewe - maze kubumbura Bibiliya aho, hari hashize iminota mike. Ndi mu Byahishuwe 3, rero ngiye rwose gusoma, aho, ku - Ubutumwa ku Itorero rya Lawodokiya. Kandi nifuzaga na none kumenyesha, (Mwene Data Neville yari amaze kubimbwira: Mwene Data Parnell, yaje ko mukureba aho namubonye yicaye aha) akoresha a - amateraniro y'ububyutse, rwose muri uru ruhande rwa Memphis. Ni ku - ku … Niba hari abari muri mwebwe bazi ahantu hahoze Wimpy, karya kazu k'ubucuruzi i Hamburgers; afite i - ihema aho, kandi agerageza kwinjiza imiba, kureba niba hari abazimiye kubw'aho bateguriwe Ubugingo, kandi abo yabasha kuronkera Kirisito kubw'Ubukozi bwe. Kandi ntiyagize iteraniro kuri iki cyumweru, kubera impamvu y'amateraniro aha mu Ihema, kandi - kandi ibyo, ni ikimenyetso cyiza muby'ukuri ku ruhande rw'uyu Mwene Data. Nuko turabamenyesha ko amateraniro azongera kubaho kuwa mbere nimugoroba, icyumweru gitaha. Kandi nzi ko mwese mutumiwe bivuye ku mutima kujya kumva Mwene Data Parnell atanga ubutumwa bwe bw'urukundo rwa Kirisito.

14 Nuko noneho, dusome mu Byahishuwe, igice cya 3, kuvuga ko twasomye Bibiliya. Kubw'ibyo, ibyo njyewe mvuga, bibasha guteba, ariko ibyo We avuga ntibiteba.

*Kandi sinzi aho guhera, icyo gukora, aho kujya, ariko dusome gusa Igisekuru cy'Itorero rya Lawodikiya. Wandikire Marayika w'Itorero rya Lawodokiya uti "Dore icyo Amina avuga, umugabo wo guhamya ukiranuka kandi w'ukuri, kandi itangiriro ry'ibyaremwe n'Imana.*

*Nzi imirimo yawe … ntukonje kandi ntubize. Iyaba wari ukonje cyangwa ubize!*

*Nuko rero, kubera ko uri akazuyazi, kandi yuko udakonje kandi ntubire, ngiye kukuruka.*

*Kubera ko uvuga, uti "Ndi umukire, ndatunze, kandi ntacyo nkenye, kandi kubera ko utazi ko uri umunyabyago, umutindi wo kubabarirwa, umukene, impumyi … wambaye ubusa:*

*Ndakugira inama yo kunguraho izahabu yatunganijwe n'uruganda, kugira ngo uhinduke*

*umukire … imyambaro yera kugira ngo ube wambaye kandi isoni z'ubwambure bwawe zitagaragara, n'umuti w'amaso kugira ngo usige amaso yawe, kugira ngo urebe.*

*Njyewe ncyaha kandi nkahana abo nkunda bose. Gira umwete, kandi wihane.*

15 Murabizi, ahantu runaka mo aho, mu gihe nasomaga, njyewe … Niba mwifuza rwose kumbabarira akanya gato, njyewe - nabonye ahantu hanejeje, kandi none, sinkibuka namba aho ari ho neza. Dore ng'iki:

*Kandi … Ntabwo uzi … umunyabyago, umutindi wo kubabarirwa, umukene, impumyi, wambaye ubusa.*

Yoo! Ibyo, aho, ni nk'ishusho y'Itorero ry'uyu munsi! None, ni, njyewe - ndatekereza ko iki gisekuru cy'iri torero, icyo tuvuga … Ni byo rwose, mu gihe gito nzasohoresha igihe cy'Itorero mu buryo bw'igitabo. Ariko bitewe nuko ari igisekuru cy'Itorero rya Lawodikiya icyo turimo, turebe gusa imiterere yacyo.

Sinifuza gufata umutwe w'insanganyamatsiko, cyangwa ikindi cyose, kubera ko tutari … Tugiye gusa kuvuga gutya, uko tuyoborwa kuvuga - icyo Umwami ari butuyobore kuvuga cyose, ariko ikintu runaka kiribudufashe.

Dutekereze ku gisekuru cy'Itorero rya Lawodikiya no ku miterere ririmo uyu munsi. Nk'uko mbizi, ntacyo mbona ubu cyabuza Ukuza k'Umwami Yesu, usibye ko Itorero Rye rititeguye. Ndatekereza ko ari bumwe mu buhanuzi.

16 Ejo hashize, mu modoka, igihe twazaga, twakoze urugendo kuva Tucson kugera aha mu minsi ibiri, ibilomtero 3000 km, Billy na njye. Rero twa … Kandi ibyo, byari ntakurenza umuvuduko wo hejuru utegetswe. Twagumaga gusa … Igihe ari we watwaraga, njyewe nagumaga gusa nicaye iruhande, Kandi njyewe, - ndi rwose … Mfite ibipfunsi byanjye inyuma nk'imbunda ihiga ifite imbwa irashwe inyuma. Niba mubonye agiye … Ndamubwira, nti « Ihangane umunota, muntu wanjye. »

None, turabwirwa tuti « Muhe Kayizari ibya Kayizari. » Kandi ubwo twageze aha ijoro rishize, hari hari akana k'agakobwa karyamye mu muhanda, kari gafite hafi imyaka itatu, nyina yari yapfiriye, aho mu kinogo. Umusore wasinze wavaga muri R.O.T.C [ Ikigo cy'amahugurwa cy'abasirikare bakuru b'inkeragutabara, muri Leta Zunze Ubumwe.], yari afite imyaka cumi n'umunani, yirukaga kuri mayilo ijana na makumyabiri ku isaha [Kilometero 190 ku isaha] ku nzira y'ibumoso niho yari yamwiciye. Kandi ndatekereza ko nawe yari arimo apfa. Mubasha rero kubona ibyo aribyo.

" Muhe Kayisari ibya Kayisari."

17 Inzirakarengane zirapfa. Agakobwa gato k'imyaka itatu kabuze ubuzima ku mpamvu y'umusirikare wasinze, murabibona, wirukaga kuri kilometero 160 ku isaha. hakurikijwe ibigereranyo, mu ruhande rutari rwo rw'umuhanda. Mu gihe yazamukaga agasozi, yabagonze rwagati imbere, kandi yabiciye bose aho. Njyewe … We na none yari arimo apfa. Rero, murabibona, nubwo inzirakarengane zitakoraga … None, uwo muhungu araregwa ubwicanyi bwateguwe. Murabibona? Ku gitekerezo cyanjye, niba umuntu bamusanzwe yasinze kuri diregisiyo, yakagombye rwose gukatirwa imyaka icumi y'ubwicanyi bwateguwe, bwateguwe; umuntu uwo ari we wese, kubera ko we … Umuntu uwo ari we wese wa …

18 Twebwe - ntacyo tuzakorana na politiki. Ni icyononekaye. Igitekerezo cy'Imana cyo kugira umwami, umwami w'ukuri, ni cyo cyiza. Ariko ibya politike, ni muby'ukuri ibidahamye, ubasha kwishakira indamu uburyo ubwo ari bwo bwose, ubasha kuriganya, kubeshya, kwiba, n'ibindi byose. Kandi nk'uko nabivuze hashize ibyumweru bike … Mwitegereze icyo ibyo bitanga, murabibona: Ntakindi usibye ikirundo cy'ibigoretswe cya byose. Nyamara umwami w'ukuri abasha gukora amategeko ye bwite. Ubasha kwica umuntu iyo uzwi muri politike, nta kibazo, ubasha kubyikuramo. Murabibona? Rero ni... Demokarasi, n'igitekerezo cyiza, ariko ibyo ntibizakunda. Ni kimwe n'ubukomonisimu, kugira byose hamwe; bifite ishusho yo kuba igitekerezo cyiza, ariko ntibizakunda. Oya. Inzira y'Imana, yo kugira umwami, nka Dawidi, byari - byari byiza, muba mufite igitekerezo cyiza gihuriye ku … Ni nk'umuyobozi umwe mu ruhuri rw'ibishuhe, n'ibindi n'ibindi, ntihabasha kubaho bibiri cyangwa bitatu. Niba ubishyize hamwe byose, muzisangana ibibonetse byose, nk'ibitekerezo.

Turabona rero ko, ibisabwa biruzuye uyu munsi kubwo kuza k'Umwami.

19 Ariko, nk'uko Mwene Data Neville, njyewe n'abo benedata bandi, tugerageza kuyobora umukumbi, mfite ikintu runaka, kinje mu bitekerezo nonaha, cyo twabasha kuvuga. Ni uko undi munsi, nabonye ibaruwa y'mudamu w'intwari. Ntabwo ari njyewe wayakiriye, byari binyuze ku muntu w'umuhuza. Kandi muby'ukuri yaranshagaguraga, cyangwa urebye yarageragezaga. Yaravugaga, ati "Mwigeze na rimwe… Ntimwabasha, mwebwe Abacuruzi b'Abakristu, gukora ikintu runaka kugira ngo muhagarike Mwene Data Branham?" Yaravugaga, ati "Kubera ko noneho, yasohoye cya gitabo cyitwa Igisekuru cy'Itorero rya Lewodokiya, kandi agiye gusohora ibindi." Kandi yaravugaga, ati "Asenya bidasubirwaho inyigisho ya

gipantekote." Yaravugaga, ati "Noneho avuga ko ikimenyetso cy'ibanze atari ukuvuga mu ndimi." Kandi yaravugaga, ati "Na none, arwanya abagore b'ababwirizabutumwa." Kandi yari umugore w'umubwirizabutumwa.

Kandi abahungu be bari mu nshuti zanjye z'isumbwe zo mfite mu isi. Bari mu nshuti zanjye z'isumbwe. Kandi yaravugaga, ati "None …"

20 Uwo mugabo n'umugore we, nasangiraga nabo ifunguro ryo kumanywa, barambwiye, bati "Mwene Data Branham, mwitegereze ibi. Mubasha gutekereza ibyo? Nuko basohoyeyo ibaruwa.

Naravuze, nti "None, mushiki wanjye, ntabwo asobanukiwe gusa rwose."

Abantu bari bambwiye ko nyina yari umugore w'umubwirizabutumwa, kandi ko atemeraga Ubutumwa.

Kandi aho yaravugaga, mo aho, yaravugaga, ati "None, aravuga, ati 'abagore ntibagomba gufata ubutware ku bagabo.' Yaravugaga, ati 'Rero, bimeze bite ibya Foyibi, muri Bibiliya, umufasha wa Pawulo?'

Ni byo rwose, yari umucuruzikazi w'imyenda. Kandi Pawulo yasabaga abantu … Mutekereza ko Pawulo yabashaga kuvuga, ati "Abagore bacecekere mu materaniro," ababuza kubwiriza," hanyuma agahindukira kandi akavuga, ati "None, Foyibi, umufasha wanjye mu Butumwa bwiza, genda ubwirize imigoroba mike?" None, yaba yivuguruza we ubwe, murabibona? Nuko, kubwo gusoza ataka byose, yaravuga … "Ndatekereza ko ari Esiteri … Yabaye mu bacamanza ba Bibiliya." Yaravugaga, ati "Umugore yabaye umucamanza muri Bibiliya. Niba ibyo, atari ukugira ubutware ku bagabo!"

21 Kandi uwo mucuruzi wakiriye uburwayi, aha ndetse mu Itorero, nta gihe gishize, yaravuze … Rero, umugore we yaravuze, ati "Mwene Data Branham, ibyo, igihe cyose byanteye ibibazo."

Naravuze, nti "None, mushiki wacu, ni buryo ki ibyo bibasha kugutera ibibazo?"

Yaravuze, ati "None, dore umugore w'umucamanza. »

Naravuze, nti « Ibyo, ni ibya politiki, ntabwo ari Itorero. Nta sano bifitanye n'Itorero. »

Pawulo yaravuze, ati « Babe abaganduka, nk'uko na none itegeko ribivuga." Kandi itegeko ntiribasha gushyiraho umugore nk'umutambyi, ntiribasha gushyiraho ibyo … Ntawigeze na rimwe abona umugore w'umutambyi mukuru. Ntawigeze na rimwe abona umugore w'umutambyi, nta na hamwe muri Bibiliya. Ntawigeze na rimwe kubona umugore w'umubwirizabutumwa muri Bibiliya. Ibyo ni ukuri kudashidikanywa ho.. Bari bahari bari abahanuzikazi, n'ibindi byose nk'ibyo; Miliyamu, n'abandi. Na Esiteri … Umwe muri bo yari umucamanza kuri Isirayeli. Inshuro nyinshi, babaye abamikazi babo, n'ibindi byose, umwami n'umwamikazi. Ku rupfu rw'umwami, umwamikazi yagombaga gufata umwanya we, kugeza ubwo batoye undi mwami, n'ibindi n'ibindi.

22 I Tucson - i Tucson, muri Arizona, dufite umugore w'umucamanza aho mu mugi. Ni kubw'ibyo umugi wononekaye cyane. Kandi dufite … Umugore ntacyo afite gukora muri politike. Ntacyo afite gukora mu … Nta butware na bumwe afite mu Itorero.

Umwanya we ni uwo kuba umwamikazi w'umugabo mu rugo. Hanze y'ibyo, nta cyo afite. Kandi tuzi ko ari ukuri. Ntimuzabona na rimwe … Nzi ko ibyo bigaragara nk'ibyataye umuderi, ariko mfite inshingano.

Kandi nziko nyuma y'uko nzaba mvuye kuri iyi si, izi mfatamajwi (bande) n'izi nyandiko z'udutabo bizasigara ari bizima, kandi benshi muri mwe abana bato, muzabona, mu minsi izaza, ko ibi ari ukuri neza neza, kubera ko mbivuze mu Izina ry'Umwami.

23 Nyamara, turibaza uburyo umugore mwiza - we, kubw'umugabo we w'umunyamurava, umugabo mwiza, washyize mu isi bamwe mu bantu beza bihebuje bo nigeze kubona, abantu nyakuri, abo nigeze kubona … Kandi uwo mwanya, kuva bumvise Ubutumwa, barabwemeye, ijana ku ijana. None, ibyo bibasha gusa kuza kubw'ukubitoranirizwa uhereye kera, ibyo. Ni yo nzira rukumbi ibyo bibasha kuzamo.

None, dore ikibazo. Nabitekerezagaho. Murabibona, none, mu gihe Umwami yangaruraga. "Kandi urabizi, urazi, … ntabwo uzi ko wambaye ubusa, umutindi wo kubabarirwa, umunyabyago, impumyi, kandi ntabwo ubizi."

24 Mbere yo kubigeraho aho, nabasha gushyira mu nshamake ibyo navuze hashize iminsi mike aha, mu Butumwa ku, ndatekereza ko byari Imana y'iki kinyejana. Yahumye amaso y'abantu, ku buryo baramije rwose umubi mu bikorwa bya kidini. Ese mwumvise ibyo byose? Mwabisobanukiwe byose?

Hanyuma muri ubwo Butumwa, navuze y'uko umugore wambara imyambaro iteye isoni, mahenure, agomba kuzacibwa urubanza mu Rukiko kimwe n'indaya yo mu muhanda. Biragaragara rwose nk'ibitangaje.

Mundeke mbashushanyirize ishusho ntoya.

25 Dore umuntu uburanira abandi wo mu mugi, umusore, umuntu mwiza wubaha, ku byerekeye politike, ndibwira ko ari indakemwa muri politiki ye. Kandi asohokana umukobwa w'ikimenywa bose. Barabengukanye umwe n'undi nuko barashakanye. Bajya mu bitaramo by'ubwoko bwose na rwaserera yose, kandi banywera hamwe. Hanyuma, we … Afite inzu nziza. Atuye mu gace gatuwe keza. Afashwe neza n'abantu, ariko we … Bombi bosebaranywa. We, yambara udukabutura, yikatisha imisatsi, yisiga amarange, n'ibindi byose, ni ikizungerezi gikabije, we …Umugore mwiza wiyandagaza.

None, ntajya na rimwe ku rusengero, namba, nta n'umwe muri bo bombi.

Rero, dore ko umugore wo mu Itorero ry'Ababatisita cyangwa wo mu Itorero ry'Abametodisite yimukiye mu nzu y'iruhande, we n'umugabo we. Nyamara, uwo mugore … Tuvuge ko ari Umumetodisite, kubera ko Abametodisite bagira ukwera gusa n'ukuruta ukwa Ababatisita; Ababatisita bose, usibye Ababatisita b'Isezerano rishya bo bizera ukwera. Ariko, ku ruhande runini, Ababatisita ntibizera namba ukwera, murabibona. Ntibizera ibyo. Rero, tuvuge ko ari Umumetodisite, kubera ko bo, bizera ukwera.

26 Rero, umugore w'Umumetodisite yimukiye iruhande rw'iwabo w'uwo mugore, mu gahande kamwe. Kandi umugabo we ni … Tuvuge ko ari umucungamari wa Leta, kandi cyangwa ko akora mu biro. None, uwo mugore w'Umumetodisite, yitegereza undi mugore. Kandi igihe uwo muntu uburanira abantu avuye mu mugi … Yitwa John; tuvuge ko yitwa John. None, ntimugire rero ukugenekereza kuri ibyo. Ndahimba gusa guhimba amazina, aho. Rero yitwa John. None, mbere, yasohokanaga na Ralph. Kandi iryo na none, ni izina mpimbye, iryo zina ryose, murabibona, ni ugutuma mukurikirana inkuru gusa, kugira ngo mbahe ishusho

Nuko, bibaho kenshi ko muri kamwe mu bunywero bwabo, Ralph yongera akamuhobera bundi bushya. None, dore nguwo agurumanye wese, kubera ko yongeye gukunda Ralph, niko atekereje. Rero, nyuma y'umwanya muto, Ralph atangire kumugenderera. Kandi abeshya John kuri ibyo, John arahabona gusa umuriro. Kandi yiyizeye nk'inyaryenge cyane, kubera ko abasha kuzererana na Ralph mu gihe yashakanye na John. Murabibona, uwo mugore ntafite ndetse n'agacucu k'isoni, kandi abona ibyo rwose ari ibisanzwe.

27 Uwo mugore w'Umumetodisite, yazamutse mu ntera yo hejuru cyane. We, nibura, ajya ku rusengero, kandi abona ko uwo mugore ateye ubwoba. None, abwira umugabo we, igihe atashye, ati " Mbona uriya mugabo yinjira hariya kandi akamusanga. Kandi igihe John agiye ahantu runaka gukora ikintu, i Philadelphie cyangwa ahandi, amutwara muri "Readster" ye, kandi bajya kuryama ku mucanga wo ku nkombe mbabona igihe bagarutse; inshuro nyinshi, ntibanafunga ndetse imyanda y'amadirishya, aramuhobera kandi akagirana na we urukundo, kandi hanyuma … Oh! Mbega uburyo biteye ubwoba," abwira umugabo we. "Oh! Nta kindi ari cyo usibye indaya yo mu muhanda." Ni ukuri. Ni mubi kurusha indaya yo mu muhanda, kubera ko ari umugore washatswe. Murabibona? Kandi we, uwo mugore, uwo mugore w'Umumetodisite, abona ibyo biteye ubwoba, uwo wundi ntajya na rimwe ku rusengero.

28 None, uwo mugore w'Umumetodisite, ntiyakora na rimwe ikintu gisa gityo. Nta na rimwe mu buzima. Ni umugore wiyubashye. Ikindi kintu: ntiyakora igitonyanga cya whisky, kubera ko Itorero ry'Abametodisite mirongo icyenda ku ijana bya gahunda yabo, ni ukubuza, whisky,whisky. Bafite rero gahunda yo kubuza, kandi abantu b'Itorero ry'Abametodisite ntibabaa hejuru cyane harenze iby'Itorero ryabo ryigisha.

Ariko uwo mugore umwe, uwo mugore w'Umumetodisite, asohokana ku mugoroba n'umugabo we, mu dukabutura ku cyumweru, nyumwa y'ishuri ryo kucyumweru.

Yikatisha imisatsi, ashyira ibitukura ku minwa kandi anywa agatabi ndetse buhoro.

Nyamara, dukurikije Ijambo ry'Imana, bombi bose ni indaya, ariko uyu, ni "Umutumbuze, umutindi wo kubabarirwa, umunyabyago, impumyi, kandi ntwabwo abizi." Umwe ariho urubanza kimwe n'undi, kuko "Umuntu ureba umugore kubwo kumuheheta aba yamaze gukorana ubusambanyi na we mu mutima we."

29 Kandi niba uwo mugore, … none, abasha kuvuga, ati "Umunota, M.Branham. Ndakumenyesha ko ntari indaya." Mushiki wanjye, birashoboka ko, turamutse dushyize Bibiliya imbere yanyu, mwarambika ikiganza hejuru mu maso y'Imana, kandi mwarahira ko mwabaye na none uwiringirwa, umwiringirwa ku mugabo wa we, ku buryo bushoboka. Umubiri wa we ni uw'umugabo wa we, ariko Ubugingo bwawe n'ubw'Imana. Hari umwuka mubi wabasize. Niba ibyo - niba atariko biri kuri mwe, rero muri … Mbasha kubagaragariza ko muri umusazi burundu.

Ni iki kiba cyarabaye kuri nyogokuru wanyu, iyo aza kuba yaratemberaga mu muhanda yambaye utwo dukabutura tugufi? Bajyaga kumufungira mu kato k'abasazi: kubwo kuba yasohotse atambaye ikanzu ye. Aba afite ikibazo cyo mu mutwe. Niba ari uko byari bimeze icyo gihe, niko bimeze na none uyu munsi.

Rero isi yose itewe n'ubusazi. Ni ubusazi ahantu hose. Kandi ibyo byinjiye byihuta cyane ku buryo abantu batabitahura ndetse.

30 None, ni indaya? Ntabwo ari ku mugabo we, ntabwo ari ibifitanye isoni n'amasezerano yagiranye n'umugabo we birebana n'umubiri we mubi. Ahubwo, imbere y'Imana, afite umwuka mubi kuri we, umwuka w'uburaya, umusunikira ku kwambara atyo. Kandi we ari mu Gisekuru cya Lawodikiya, kandi ntabwo azi ko akora ibyo. Uwo mugore udafite icyo aregwa ntazi ko Imana izamucira urubanza kimwe n'indaya. Ngibyo.

Kandi mugerageze rero kubimwumvisha! Nta buryo buriho bwo kumubwira. Nta buryo na bumwe buriho bwo kubimwumvisha. Bibiliya iravuga, iti "Bambaye ubusa kandi ntabwo babizi."

Muramutse mumubwiye amaso ku yandi ko ari indaya, yabafungisha. Yabikora. Simvuga na rimwe ku buryo bwatura uwo ari we wese. Ndavuga ku cyaha. Simvuga nti "Itorero runaka aho, mugenzi wanjye runaka, umushumba mukuru runaka, ni u …" Oya, oya. Ndavuga aho, ku nyigisho iri aho, murabibona, byose … Simvuga abantu ku giti cyabo. Ntabwo ari abantu ku giti cyabo. Ni imikorere barimo. Ni imikorere y'isi.

31 Mwene Data George Wright wicaye aha, afite … imyaka mirongo irindwi n'itanu cyangwa mirongo irindwi n'umunani, ndatekereza. Hajyaga kuba iki, ku gitekerezo cyawe, iyo muza kuba mwaragiye kureba mushiki wacu Wright umunsi umwe, kandi akaba yari ari aho mu dukabutura? Oh! Ntimwajyaga kugira na rimwe, mwajyaga kugira - mwajyaga gukingiranisha umutindi w'umugore. Ntimwajyaga na rimwe kumushaka.

None, iyo umusore uwo ari we wese aba yarakoze ibyo icyo gihe, aho ikintu nk'icyo cyajyaga kuba cyarabayeho. None, niba byari icyaha, kandi niba byari bibi icyo gihe, ni cyo kimwe; ariko abantu bazimiriye mu bupfu.

32 Ngiye kubahanurira ikintu runaka, rwose mbere y'uko bibaho. Isi yose irimo kugenda ikabakaba mu bupfu, kandi bigenda ntaguhagarara biba bibi, ku buryo ku iherezo bizaba ari itsinda nyakuri ry'abasazi. Kandi niko bimeze uyu munsi.

Mubasha gutekereza umuntu utwara amatara yose azimije kandi mu mukono utari uwe w'umuhanda? Nyamuzavuba, agasore, kakimara, birashoboka, kurangiza ishuri ryisumbuye, kandi, kakica itsinda ryose ry'abantu. Ibyo se birabahagarika? Undi aza inyuma ye, kandi agakora nk'ibyo. Mubasha gutekereza umusore wiyu … wiyubaha usohoka byaba gake kandi akitwara nk'abo?

Mubasha gutekereza umukobwa n'inkumi, uri mu kigero cyo kuba umugore, mwiza, ufite ikimero cyiza, uteye neza, ufite igihagararo cyiza, ufite isura nziza, ufite ubwiza … kandi kuba ndetse ari ihogoza bigaragaza ko turi mu gihe cy'iherezo. Murabibona, yashyizeho byose kubigaragara by'isi, ibintu by'isi, aho kuba ubwiza bw'ukwera, ko gutuza k'Ubugingo. Nabonye abagore bafite inyuma hagaragara hatari hafite ikintu na kimwe gikurura, ariko muvugane nabo inshuro imwe, muvugane nabo igihe cy'iminota mike, muby'ukuri ni ab'umwimerere, ikintu runaka cyomatanya. Murabibona, ubwiza bw'inyuma ni ubw'umubi, ni iby'isi.

33 Mwitegereze abana ba Kayini, uko bihaye ibyo: "Igihe abana b'Imana babonye ko abakobwa b'abantu bari beza, babagira abagore," kandi Imana ntiyabibabariye na rimwe.

Mwitegereze, igihe abagore b'Abisirayeli hamwe - n'ibiganza byabo bihanda n'imisatsi ya bo itendera; igihe abana b'Imana banyuze mu gihugu cya Mowabu, kandi bakabona abagore b'iribagiza b'aho, bashokoje neza bose, bitunganije neza, kandi n'isura yuzuye ibinyamirimbo cyangwa sinzi uko mwita ibyo; igihe abo bana b'Imana babonye abao bagore beza cyane, umuhanuzi w'ibinyoma yaravuze, ati "Twese turi kimwe." Nuko barashakanye, kandi Imana ntiyabibabariye na rimwe. Barimbukiye mu butayu.

Buri wese muri bo yapfiriye aho, ntabyiringiro, nta Mana, kandi bararimbutse Iteka ryose. Baciriweho iteka, nubwo bari barabonye kugira neza kw'Imana, nubwo bari baranyoye ku isoko idakama. Bari baranyoye ku gitare cyakubiswe. Bari barabonye inzoka y'umuringa ikora ibitangaza. Banyuze mu mubatizo wa Mose mu Nyanja. Bari barabonye ukuboko kw'Imana. Bari barariye ibyo kurya by'Abamarayika, kandi barakoze ibyo bintu byose. Ariko bari barashatse abagore...Kandi bari barabazanye, bari rwose barafashe abagore muri bo. Ntabwo bari barakoze ubusambanyi, bari barashakanye na bo; Imana ntiyigeze na rimwe ibabarira ibyo.

34 Byari inshuro ya kabiri ibyo byari bibayeho. None, turi ku nshuro ya gatatu ya byo, ubu ni ibishukana birenze ku buryo bitigeze bibaho. Nzi ko ari ibikomeye. Kandi nibajije kenshi mu buryo bwinshi uko ibyo bizakorwa? Kubera iki ari ngombwa ko mba uwahuranya cyane ku bantu? Kubera iki bimeze bityo? Kandi nyamara, nsanga ko iyo bitaba byarabaye Imana, nta muntu wajyaga kuba uhari, nta mugore n'umwe wajyaga kuba yicaye anyumva. Ariko abantu baragaruka, kubera ko umuntu afite igitsika gito cy'Ukuri aho, kandi azi ko ari ukuri. Uko byamera kose, bazi ko ari ukuri!

None mwitegereze ibirimo kubaho. Nziko ari ibikomeye.

35 Ni nk'uko umuganga yabaha umuti, maze mukanga kuwufata, rero ntakugaya umuganga, niba

mupfuye. Kandi ibi, ni nk'umuti. Bimeze bite iby'abo bantu bavuga igihe cyose ko ndi umuntu udaha agaciro abagore? Murabibona, gusa kwitegereza imyifatire y'abagore, mbasha kubabwira aho Itorero rigeze. Imyifatire y'abagore, mu isi, mu buryo bugaragara, ni Lawodikiya: "Bambaye ubusa, abatindi bo kubababarirwa, impumyi, kandi ntibabizi," abantu, abagore b'isi. Kandi Itorero riri mu mimerer nk'iyo. Murabona uburyo ibiriho by'umwimerere, ari igishushanyo cy'iby'Umwuka, buri gihe cyose.

Kandi, umunsi umwe, mu Rukiko rw'Urubanza …

36 Nziko atari ibya bose kuvuga ibyo. Kandi niba umuntu atarashyizweho kubwo kubivuga, muba mukoze neza mutabivuze, kubera ko mwaba mukoze urwiganwa, kandi aho, muzagira ingorane, ni ukuri rwose.

None, murebe. Inshuro nyinshi, bajyaga mu by'ukuri kuvuga ko nafataga akanwa kabumbuye k'umugore kandi ko namusukagamo umuti; kandi hanyuma, nashyiraga ibiganza byanjye ku munwa we, kandi yarongeraga akawucira igihe cyose. Byajyaga kumera bite niba umuganga yarakoreraga ibyo umurwayi, kandi hanyuma umurwayi agapfa kubwo kuba yaranze kumira umuti? Kuri bariyeri y'Urubanza, igihe ibyo bintu byose, nko kwikatisha imisatsi, kwambara amakabutura, na …

37 Ndimo gusa kubaka. Isaha iri bugufi ubwo muzabona ikintu runaka kibayeho, ubwo hazabaho ikintu runaka. Kandi iyi nyegamo y'inyuma, aha yashyizeho gusa urufatiro rw'Ubutumwa bugufi kandi bwihuta buzanyeganyeza igihugu cyose.

None, nibasiye abagore; harategurwa ikintu runaka cyo wabasha gushyiraho urutoki. Ndetse ugerageza kubabwira icy'ukuri. Kandi nshyira ikiganza cyanjye gutya, ku munwa wa bo, kandi bacira ibyo. Ni nde rero wabasha gushyira urubanza ku muganga?

Ese ni iki muzavuga, ku Munsi w'Urubanza, igihe amajwi ndetse amajwi yateye hajuru arwanya ibyo azumvikana, igihe imfatamajwi (bande) zizavuzwa rwose hagati imbere y'abantu? Ni buryo ki bazabikira rero?

38 Bawubacira hagati y'intoki. Murawusuka na none, kandi bazunguza mu buryo runaka umutwe kandi bawutera umugongo, barigendera; ibyo ntibizakunda. Kandi, uko biri kose, baragaruka, kandi murawusuka na none. Rero, ni nde ufite ikosa? Ntabwo ari umuganga, cyangwa Umuti, ahubwo imyifatire y'umuntu. Ni ibyo neza neza. Bizaba ari umunsi uteye ubwoba, umwe muri iyo minsi, igihe iki gisekuru gikora ibyaha kandi gikora ubusambanyi kizahagarara imbere y'Imana Ishoborabyose.

39 Mu kubona imyaka yanjye yiyongera, intugu zanjye zihetama, kandi nzi … imyaka mirongo itatu kuri uru ruhimbi, ni byo, imyaka mirongo itatu n'itatu aha, mu murimo w'ivugabutumwa. Ni ubuzima burebure, ibyo. Ni imyaka mirongo itatu n'itatu y'umurimo. Ukwicuza kwanjye rukumbi, ni ukuba ntaragize ijana na mirongo itatu n'itatu. Kubw'ibyo, ibi bizaba uburyo bwa nyuma nzaba ngize rwose, mu gihe ndi aha nk'upfa, bwo kubwiriza Ubutumwa bwiza. Imana imfashe ngume na none ndi uwizerwa uko bishoboka kuri iri Jambo, - mvuga neza neza icyo Ivuze.

Ni iki gituma uwo Mumetodisite … Ni buryo ki mubasha gushobora na rimwe kubimwumvisha? Dore ng'uyu, muri iki gisekuru cya Lawodikiya.

40 Noneho, dufate umugore w'Umupantekote. Ntiyakagombye kwambara amakabutura, kwisiga amarange, cyangwa kwikatisha imisatsi, ariko areba inyuma ye umugore w'Umumetodisite n'agasuzuguro, avuga, ati « Muvuge rero, reba uriya mugore ukora kiriya na kiriya kintu! » Tuvuge ko uwo mugore, atambara amakabutura, ariko yaravuze … Kandi we ubwe, afite imisatsi ikase … Murabibona?

Uko murushaho kuzamuka mu Mana, byose birushaho kubabera ibyanduye.

Hanyuma inshuro nyinshi, mu gusenga, mubasha gutekereza, igihe Umwuka wera abazamuye kugeza mu kirere runaka, rero byose biba bifite ishusho y'urudubi. Rero igihe wongeye kumanuka, ni nk'aho uri, ku bantu uba urimburamumaro, ko uri … Nta kindi uba uri cyo usibye umutindi w'umukobanyi n'umuntu mubi, ko uri umusazi, kubera ko muba muri aho nk'umutamutwe ukuze, igihe cyose murimo gucyaha abantu. Ariko biramutse bibayeho inshuro imwe, ko zamuka kugera muri ibyo birere, aho mubasha kuba mu maso y'Imana (atari kubw'amarangamutima, ahubwo mwazamuwe kubw'Umwuka wera nyakuri), biranditse rwose "ICHABOD." Ikuzo rw'Umwami ryavuye ku bikoresho byose by'amadini. Ni ukuri. Nta narimwe ririho riri mu kuri.

41 None, ngiye kubashushanyiriza uruziga ruto. Iyaba nari mfite ikibaho kirabura … Ariko ndifuza ko mwitegereza neza, aha. Ngiye gukora uruziga gutya, kandi ngiye gukora urundi ruziga imbere y'uru ruziga gutya, ni ebyiri, hanyuma ngiye gukora na none uruziga imbere y'uru ruziga. Ni inziga eshatu, inziga eshatu. None, ibyo ni mwebwe. Ibyo, ni Imana. Imana ni Imwe mu butatu, kandi nta butatu, ntabwo ari Imana. Ntibasha kwigaragaza mu bundi buryo. Kandi mwebwe, nk'umuntu, ntimubasha na none kugaragara mutagizwe n'ubutatu, ni ukuvuga umubiri, Umwuka n'Ubugingo. Niba mubuzemo kimwe, ntimuba mwuzuye. Murabibona? Niba mudafite Ubugingo mwaba ntacyo muri cyo; niba mudafite Umwuka mwaba ntacyo muri cyo; niba mudafite umubiri, mwaba muri umwuka, atari umubiri. Rero, Imana iba

yuzuye ubutatu bw'Ikiremwa, atari ubutatu bw'ibiremwa, ahubwo ikiremwa kimwe mu butatu. Data, Umwana n'Umwuka wera, ni Imana imwe y'ukuri yagaragaye. Imana!

Imana …

42 Mwitegereze aha … Mwihangane akanya gato, njyewe - ndizera ko nabisomye hashize iminota mike. Murumva ibyo. Wandikire Marayika w'Itorero ry'i Lawodikiya uti « Dore icyo Amina, umugabo wo guhamya ukiranuka kandi w'ukuri, itangiriro ry'ibyaremwe by'Imana. Imana ni umuremyi. Rero, ni buryo ki ibasha kuba yararemwe? Ariko ibi ni « Itangiriro ry'ibyaremwe by'Imana. » Igihe Imana, Umwuka, yaremwe mu ishusho y'umuntu, yari Imana yari iremwe. Imana Umuremyi, Yari ihindutse Yo ubwayo ikiremwa. Imana, Yakoze umukungugu, Yakoze karisiyumu, Yakoze potase, umucyo wo mu isanzure, za peteroli. Yateranije ibyo byose nuko Irirema Ubwayo, ku ntangiriro yo kuremwa kw'Imana. « Amina, » ikidakuka. Amina bishaka kuvuga « Bibe bityo.‟ Ikidakuka cy'Imana,” igihe Imana yibonye mu biremwa bya Yo. None ni buryo ki? ‟

Nta muntu wigeze na rimwe abona Imana, ariko umwana w'ikinege wa Data ni we wamumenyekanishije.‟ Murasobanukiwe?

43 Mwihangane, akanya gato; ntabwo mwihuta. Dufate Abakolosayi, rwose akanya. Njyewe … Igice cy'Ibyanditswe cyanje mu bitekerezo. Dufate Abakolosayi, Urwandiko ku Bakolosayi, ku … Ndizera ko ari ku gice cya 1. Ngiye kugomba kugenzura ibyo, kubera ko bitari byateguwe. Rero ngiye … Mbere, igihe nari umubwirizabutumwa muto, nabashaga kwibuka ibyo bintu Uyu mwanya, ariko nk'uko nsaza, simbasha … Dutangirire ku murongo wa 9, ndizera. ‟Ni kubw'ibyo …” Ni Pawulo, uvuga kuri Kirisito, abwira Abakolosayi, uwo Yari We.

> *Ni kubw'ibyo ko twebwe na none, uhereye umunsi twabyumviye, tudatuza gusaba Imana ku bwanyu, kandi … gusaba ko mwuzuzwa ukumenya kose k'ubushake bwe, mu bwenge bwose n'ubuhanga bw'Umwuka,*
>
> *Kugira ngo mugende ku buryo bukwiriye ab'Umwami no kumunezeza muri byose, mwera imbuto z'imirimo myiza ku buryo bwose kandi mukura kubwo kumenya guturuka ku Imana.*
>
> *Mukomejwe kuri byose kubw'Imbaraga ye y'ikuzo, ku buryo muba igihe cyose mufite umunezero kandi abadacogora n'abihangana.*
>
> *Muhe ishimwe Data, waduhinduye abafite ubushobozi … Abafite ubushobozi bwo kugira uruhare ku murage w'abera …*
>
> *Watubohoye ubutware bw'umwijima, kandi akatujyana mu bwami bw'Umwana w'urukundo rwe,*

Dore, turahageze noneho. Mwitegereze.

> *Muri we dufite gucungurwa kubw'amaraso Ye, kubabarirwa ibyaha. Ari mu ishusho y'Imana itaboneka …*

Murumva? Umurongo wa 15, Abakolosayi ba 1:15

> *… Imfura mu byaremwe byose.*

Amina! Iki? ‟*Imfura mu byaremwe byose.”* Yaba Marayika, yaba icyo ari cyo cyose; ni imfura mu byaremwe byose.

> *Kuko muri we arimo ibintu byose byaremewe - byaremwe ibintu byose ibiri mu majuru no ku isi, ibiboneka n'ibitaboneka, intebe z'ubwami, ubutware, ukuganza, ubutegetsi. Byose byaremwe na we kandi ku bwe.*

44 Yaba icyo ari cyo cyose; ntabwo ari ikindi kiremwa!

Na kimwe! Murebe. ‟Kandi mu … Kandi ni rero …”

> *Ariho mbere y'ibintu byose, kandi ibintu byose bibaho ku bwe.*

Yaba Data, Umwana, Umwuka wera, icyo ari cyo cyose,

Kandi ariho mbere y'ibintu byose.

Mbere y'ibintu byose biri mu majuru, mu isi, ibiboneka n'ibitaboneka, byose,‟ Uwo mwana w'Imana yari ariho mbere y'ibintu byose. Ntabwo ari ukuri? Ibyo ari byo byose byaba intebe z'ubwami, ukuganza, icyo ari cyo cyose; intebe z'ubwami zo mu ijuru, ubwami, icyo ari cyo cyose mu hantu h'ikuzo hadasanzwe ho hejuru aho, mu bihe bihoraho , aho ko yari ari; uko byari biri, ABamarayika, Imana, uko byari biri, ”Ariho mbere y'ibintu byose.‟ Amina! Ntimubasha kumubona? ”Yari ariho mbere y'ibintu byose,

kandi byaremwe na We. We …" Noneho, umurongo wa 17.

*Ariho mbere y'ibintu byose, kandi ibintu byose bibaho ku bwe.*

45 Ntakiriho usibye We ubasha gukoresha ibyo. Yaba Imana Data, Imana Mwuka wera, baba Abamarayika, ukuganza, ubutegetsi, ubutware, icyo ari cyo cyose, ibintu byose bikora ku bwe. "Ibintu byose bibaho muri we."

*We … Ni umutwe w'Umubiri w'Itorero; ni itangiriro - ni itangiriro, imfura mu bapfuye ( ni ukuvuga abazutse igihe yaje kubwo gucungurwa), kugura ngo abe muri byose uwa mbere.*

"Kugira ngo abe uwa mbere," muzi icyo bishaka kuvuga? Bishaka kuvuga "Hejuru ya byose." Ari hejuru y'ibintu byose byaremwe, buri Marayika, buri kiremwa, buri - buri kintu kibaho. Ari hejuru y'ibintu byose. Ni ikihe kiremwa? Ni inde uwo yabasha kuba we? Hejuru y'ibintu byose! "Atanga amahoro …" Turebe … Njyewe … Akanya gato.

*Kuko Imana yashatse ko ukuzura kose gutura muri we;*

"Ukuzura kose kw'ibintu byose." Ukuzura kose kw'Imana, ukuzura kose kw'Abamarayika, ukuzura kose kw'igihe, ukuzura kose kw'Itorero, byose bituye muri We. Ni uwo Muntu.

*Yashatse ku bwe kunga byose na We ubwe, byaba ibiri mu isi n'ibiri mu majuru, azana amahoro ku bwe, kubw'amaraso y'umusaraba We.*

Dore icyo kiremwa cy'ikuzo tuvuga. "Itangiriro ry'ibiremwa by'Imana."

46 Ubu, noneho, Itorero, umugambi We wose, wari Itorero. Ni buryo ki rero twakwinjira muri iryo Torero? "Kubw'Umwuka umwe twese twabatirijwe mu Mubiri umwe," Itorero, Umubiri wa Kirisito. Ibyo ntibibasha guteba.

Noneho, dore uburyo ibyo bigenda. Mwitegereze neza ibyo, rwose igishushanyo gito, aha.

None, uyu muntu w'inyuma, ni umubiri. Ni we tubona, uwo tubona. Kandi uwo mubiri, ufite amarembo atanu. Kandi umwana uwo ariwe wese wo ku rwego rw'amashuri abanza nka njye ubwanjye azi ko hariho imyumviro itanu igenzura umubiri: ukureba, ukuryoherwa, ugukorakora, uguhumurirwa, ukumva. Nta byo, ntitwabasha gushyikirana n'umubiri. Ni bwo buryo bwonyine bwo kugera ku mu biri: ukureba, ukuryoherwa, ugukorakora, uguhumurirwa, ukumva; turareba, turaryoherwa, turakorakora. None, ibyo, ni ikibi, mu rwego rwo hejuru.

47 None, imbere h'ibyo, hari Umwuka, ni cyo muhinduka cyo igihe muvutse, aha ni Umwuka w'Ubugingo uhumekerwa muri mwe. Uyu Mwuka ufite kamere y'isi, kubera ko utatanzwe n'Imana ahubwo wahawe uburenganzira n'Imana.

Noneho, mwasobanukiwe ibyo? Kuko buri mwana uvukira muri iyi si "avukira mu cyaha, atwitirwa mu kononekara, akaza mu isi avuga ibinyoma." Siko kuri? Rero, uwo muntu, aho imbere, ni umunyabyaha uhereye mbere. Ariko, none, afite amarembo atanu, kandi ayo marembo atanu …

Sinzi niba ndi bubashe kuyatondagura yose umujyo umwe. Mbere na mbere, nziko hariho intekerezo, umutima nama, n'urukundo, uguhitamo … Oya. Umutimanama, urukundo, intekerezo. Hariho amarembo atanu ashyikira ku Mwuka. Ntimubasha kugira umutimanama mu mubiri wanyu. Ntufite ubushobozi bwo gutekereza na bumwe rwose, umubiri wanyu ntubufite; mugomba rero gutekereresha umwuka wanyu. Mugomba gutekereza. Ntimubasha gutekereresha ubumuntu bwanyu bw'umubiri, kubera ko ugutekereza ntikubona, ntikuryoherwa, ntigukorakora, ntiguhumurirwa kandi ntikumva. Ugutekereza, ni ikintu mubasha gukorera mu mwuka wanyu.

Iyo musinziriye cyangwa iyo mwagiye, umubiri wanyu uba uryamye aho, upfuye, ariko umwuka wanyu, wo, ubasha na none gutekereza. Hari imyumviro itanu igenzura uwo muntu w'imbere.

None, uyu muntu wa nyuma, ari we Bugingo, hariho gusa umwumviro umwe umugenzura, kandi ni umuyobozi wigenga, ugushaka bwite, ko guhitamo cyangwa kureka.

48 Kandi noneho impamvu uyu munsi, abantu … None, ntimwibagirwe rero ibi, kandi mwebwe - muzabona icy'Uwera … Ikigaragaza Umwuka wera cy'ibanze icyo ari cyo. Murabibona? None, abantu babasha kubaho muri uwo mwuka. Babyina mu mwuka. Batera urusaku mu mwuka. Bajya ku rusengero mu mwuka. Kandi babasha ku buryo budasubirwaho kugira ugusigwa kw'Umwuka nyakuri w'Imana ku mwuka wabo, ariko nyamara bakaba barazimiye kandi na none barigaruriwe n'umubi uko bishoboka, hamwe n'uwo mwuka. Kuko …

Mwumve. Ni kubw'ibyo utabasha kubwira uwo mugore, wambara amakabutura, ko ari bibi. Ntiwabasha kumubwira ko kwikatisha imisatsi ari bibi. "Turebe, ese ni iki imisatsi ifite kugirana n'ibyo? Rero, kuri Samusoni, byari bifite ikintu runaka bihuriyeho. Murabibona? "Uwari we wese uzongera ijambo

rimwe kuri Ibi cyangwa akabikuraho Ijambo rimwe …" Mugomba kugira ikidakuka ahantu runaka.

49 None, nk'urugero iyo nza kuba ndi Umubatisita, nuko mukaza mukambwira ko ngomba - ko ngomba kubatizwa mu Izina rya Yesu Kirisito: ni muri Bibiliya. None, ikintu cya mbere murabizi, navuga, nti "Ndajya kubaza umushumba wanjye."

Nzajya kureba umushumba, kandi yavuga, ati " Oh! Ibyo, byari iby'ikindi gihe, murabibona. Murabibona, twebwe Ababatisita, dore ibyo twizera; twizera ko ugomba gucubizwa mu mazina y'imirimo ya 'Data, Umwana, Umwuka wera.' Ni gutyo amatorero yose buri gihe yabikoze. Guhera ishingwa rya ryo na John Smith, ni gutyo bakora." None, niba ari cyo kidakuka cyanyu. "Nta kibi babibona mo, cy'ibyo uwo muntu avuga!"

50 Kandi niba muri Umumetodisite, kandi ko imikorere, iwanyu, ari ugucucagira, kandi tukababwira ko mugomba kwibizwa? Murabona icyo nshaka kuvuga? Muzajya kureba umushumba w'Umumetodisite, kandi we, azajya kwandikira musenyeri kugira ngo amubaze, ati "Runaka yavuze iki n'iki kintu kuri iyo ngingo." Ariko, twebwe, Itorero Metodisite, twashinzwe hashize imyaka magana atatu cyangwa magana ane, mu Bwongereza na John Wesley, na Whitefield, n'abandi bose aho, na Asbury. Kandi twateguye iyo nyandiko, dukurikiye John Wesley, dushingiye kuri yo tugomba gucucagira, kubera ko gusa ari ishusho y'inyuma. Kandi dutekereza ko ugucucagira gufite agaciro kamwe nk'ak'ubundi buryo." Niba muri uwanyakuri … Niba ari itorero Metodisite riba ikidakuka cyanyu, mugarukira aho aho.

Niba muri umunyagatorika … Kandi nkababwira ko bitari muri Bibiliya kutarya inyama kuwa gatanu, n'ibyo bintu byose nk'ibyo, kandi ko Ukarisitiya Yera, atari akagati, kubera ko ari Umwuka n'ibindi n'ibindi, muzajya kureba padiri mukuru wanyu, kandi padiri mukuru azavuga, ati "Byanditswe aha ndetse mu nyandiko yacu." Niba ari Itorero riba ikidakuka cyanyu, ntimwita kucyo uwo ari we wese avuga. Ni ikidakuka cyanyu.

Yoo! Mana, kora ku buryo ibi byinjira neza!

Kubwanjye, byose si byo. Ni Ijambo ry'Imana riba ikidakuka. Icyo iri Jambo rivuga, rero nicyo cy'ukuri.

51 None, aho muri ibyo birere, uburyo bumwe kuri mwe bwo kuba muri uwo muntu muto w'imbere, ni ngombwa ko muba mwarateguwe mbere; kubw'ibyo, mwahoranye n'Imana; muri agace k'Imana.Nahoze muri Data. Nahoze na none muri sogokuru, no muri sogokuru wa sogokuru. Mu buryo bw'imbuto, nari ndi muri bo.

Kandi nahoze muri Kirisito, mwahoze muri Kirisito mbere yo gutangizwa ku isi. Yaje gucungura Abe, Abe bahoze muri We. Haleluya! Abana be, bahoze muri We!

Ntabwo yaje na mba kugira ngo - kugira ngo akize abana b'umubi. Bo ntibazamenya ibyo na rimwe. Kandi ni abahanga cyane mu bumenyi bwabo bwa gihanga ku buryo mutabasha na rimwe guhiganwa nabo. Ntimubasha kuvuga neza nka bo. Ariko ni kubwo kwizera mubona ibyo.

52 None, ubuhanga ntibukeneye ukwizera. Ubuhanga bugaragaza ibyo buvuga. Ntibukeneye ukwizera.

Umupadiri w'umunyagatorika azababwira, ati "Nimutegereze hashize igihe kingana iki itorero gatorika rinyeganyejwe. Mwitegereze hashize igihe kingana iki ryihanganiye amatotezwa y'abapagani." Itorero Metodisite rizavuga, riti "Mwitegereze aha. Hashize igihe kingana iki …"

53 Nabonye Itorero … Muravuga ku kirango cy'uburyarya! Ejo hashize ku muhanda nza, nabonye ibyo. Hari handitswe ngo "Itorero rya Kirisito, ryatangijwe, muri 33 nyuma ya Yesu Kirisito." Ntirifite ndetse na none imyaka ijana, murabibona, iyo nyito.

Oh! Ra ra! Inyigisho y'intumwa, ntibafite hafi na busa. Ni Abasadukayo b'uyu munsi; nta mwuka, nta … Kandi ntubasha kubabwira ikintu runaka; ntubasha kubabwira, ntubasha gutekerezanya na bo; kubw'ibyo, twebwe, tujya hirya y'ibitekerezo … "Ntukishingikirize ku buhanga bwawe bwite." Ukwizera ntigutekereza na mba. Ukwizera kwizera ibyo. Baravuga, bati "None, mwitegereze aha. Mutekereza ko ari ngombwa ko dukora ibyo bintu bakoraga, kera? Ni ibintu bitumvikana, ibyo …"

Ariko Bibiliya irabivuga. Simbasha gusobanura uburyo bibaho, ariko bibaho. Imana yarabivuze. Rero ntidufite ku … ntacyo nabasha kubabwira kuri ibyo. Ukwizera ntikubisobanura. Mwari muzi ibyo! Ukwizera kwizera gusa ibyo.

54 Yesu yabwiye Nikodemu wo mu nama mpuzamadini y'igihe cye … Yaje kuri We nijoro, yaramubwiye, ati "Mwigisha, tuzi ko uri Umwigisha wavuye ku Mana, kubera ko nta muntu Wabasha gukora ibintu ukora, Imana itari kumwe na we."

Yaravuze, ati "Ni ukuri, ndabikubwira, nti 'Niba umuntu atabyawe bundi bushya, ntabasha ndetse kubona Ubwami bw'Imana.'"

Yaravuze, ati "Njyewe, umuntu ukuze, nkinjira mu nda ya mama, kandi nkavuka?

Yaramusubije, ati "None, se ni buryo ki nabasha kukubwira ibintu by'Ijuru, niba utizeye ndetse ibintu by'isi?"

55 Hanyuma, umunsi umwe Yaravuze, ati "Niba mutariye Umubiri w'Umwana w'Umuntu, kandi niba mutanyoye Amaraso Ye, ntimuba mufite na mba Ubugingo muri mwebwe ubwanyu." Ntiyabisobanuye.

Izo ntumwa n'abandi b'uwo munsi, bo bari barateguriwe Ubugingo buhoraho; Yari azi ibyo. Yaravuze, ati "Abo Data yampaye bose bazaza. Icyo yari afite gukora cyose ni ukumenyekanisha Ijwi rya Njye." Kandi Ijwi, intama za Njye zimenya Ijwi rya Njye." Kandi Ijwi, ni Ijambo rigaragajwe. "Barabyizera uko biri kose. Ntibakeneye kwerekanisha icyo ari cyo cyose ubuhanga, cyangwa kubaza igitekerezo cy'umusadukayo cyangwa cy'Umufarisayo, cyangwa cy'icyo ari cyo cyose kuri iyo ngingo. Narabivuze, barabyizera. Kuko intama za Njye zumva Ijwi rya Njye."

Kandi ibyo, ni Ijwi ry'Imana ku buryo bwanditse, kubera ko Ibyo, ni uguhishurwa kuzuye kwa Yesu Kirisito, Isezerano rya Kera n'Isezerano rishya hamwe. Amina. Ngibyo.

56 Kubera iki? Muvuga ko ari abantu b'abanyamurava. Ese ni iki gituma baba bo? Kubw'impamvu y'ikintu: inkingi y'akaramata yabo, ni Itorero. Kandi aha …

Muribuka ku cyumweru gishize, hashize icyumweru … Ni bangahe bari bari aha kandi bumvise ikibwirizwa cyanjye ku Basigwa bo mu minsi ya nyuma? Ndatekereza mwebwe mwese. Murabibona, barasizwe. Umwuka wa bo urasizwe, muri iki gice cya kabiri.

57 None, umugore wa mbere aravuga, ati "Oya." We, ntiyitaye kucyo Itorero rivuga, cyangwa undi muntu. Ni inkerebutsi. Yagiye kuri kaminuza. Yabashaga kubeshya umugabo we, atekereza kuba inyaryenge mu gukora ibyo.

Uwo mugore wundi, ni " Uko yakavutse, impumyi, kandi ntabwo abizi." Oh! Ni agahonamunwa, nyamara ni yo shusho Bibiliya itugaragariza.

Nyamara, ajya ku rusengero. Uwo mugore, ugereranyije biraruta ko uwo mugore yaba … Abayeho ubuzima butungajye, buzira amakemwa. Ntagihari cyo kongera kuvuga. Imana izabibera umucamanza. Njyewe, simbizi, sindi Umucamanza.

Ndi gusa u …mfite inshingano y'ibyo Anyereka. Ni cyo intumwa zavuze, ziti "Tuvuga ibyo tuzi, ibyo twumvise, ibyo twabonye." Ni ibyo mfite ho inshingano. Ni ibyo mufiteho inshingano rwose.

58 Ariko, noneho, murabibona, mufashe uwo mugore umwe … Ni hehe yageze, ku iherezo? Mura bibona, yarahindukiye ku buyo budasubirwaho. Yarumvise ; ko yafunguye iradiyo inshuro nyinshi. Ijwi ry'Imana ryavuze inshuro nyinshi.

Rero, noneho, murabibona, yinjira muri icyo gice, aho, cyangwa itsinda. Amatorero yose ni amatsinda, yose. Rwose ni ukuri, ni inyubako nto gusa aho abantu bahurira nk'abayoboke. Kandi ajya aho; none biramunyuze ku buryo buzira amahinyu. None, niba mutangiye kumubwira icyo agomba gukora, ntazabumva. Nimukimwereke muri Bibiliya, ntazumva ibyo.

59 None, nshuti yanjye Mwene Data cyangwa nshuti ya njye mushiki wanjye, na none rwose insobanuro imwe cyangwa ebyiri mbere yo gusoza. Muri kimwe cya kane cy'isaha, biraba ari igihe cyo gusohoka, mu minota cumi n'itanu.

60 None, mwumve, nifuzaga kubabaza ikibazo. Ese ni ukubera iki uwo mugore atabona ibyo? Ni mpamvu ki? Kubyo kubaho mu busambanyi kubw'umubiri, ku mugabo we, nta rubanza afite, ntacyo afite kwihana. Aratunganye nk'umunsi yavutse ho, ntamugabo n'umwe wamukozeho.

Ndimo ndagereranya, noneho, hagati y'umugore n'Itorero. Arera nk'igihe yavutse. None, Itorero riri muri iyo mimerere neza neza: nk'igihe yavutse; gusa yavukiye mu cyaha, yasamiwe mu kononekara, yaje … Murabona icyo nshaka kuvuga?

None, mumubwire ko afite ikosa ryo kwikatisha imisatsi, ko ari Bibiliya ibivuga; ko afite ikosa ryo kwambara amakabutura, ko ari Bibiliya ibivuga; azabasubiza, ati " Ntabwo byumvikana." Kubera iki? Ikidakuka cye ntikiri aha muri uyu muntu wa gatatu, ubwo Bugingo bwateguwe mbere kandi bwoherejwe n'Imana; ariko ikidakuka cye ni mu idini, aho, iryo umuntu yateguye, hanze y'Ibi. Murabibona?

61 Ariko niba Ijambo ry'Imana riri aho muri ubwo Bugingo, rizavuga, riti "Amina! Ndabibona." Yihuza na byo.

None, mwumve ibi. Ni yo mpamvu umuntu wabyawe n'umwuka w'Imana …

Murebe, ibi, ni umubiri, inyuma. None, ndabwira abanteze amatwi bavanze, ariko ndavuga nk'uwanyu

- nk'umushumba wanyu, nka mwene so. Ibyo, ni umubiri, ni umunyantege nke. Ni ukuri. Umukobwa w'inkumi agenda mu muhanda. Umusore mu busore rwagati, imyaka cumi n'irindwi, cumi n'umunani, makumyabiri, makumyabiri n'itanu, mirongo itatu, anyuraho! Kandi uwo mukobwa w'inkumi aza yinyonga, imiterere yose y'umubiri we, agenda afite inkweto z'udutsitsino tureture, yisohetse mu gakanzu ke kagaragaza imbere n'inyuma, kandi agakanzu ke karagera hejur j'ivi, cyangwa yambaye agakabutura. Muzi ko Bibiliya ivuga ko yajyaga kuzakora atyo? Murabizi, Bibiliya ivuga ko yajyaga gukora nk'ibyo, ko yajyaga kuzaba yononekaye kuri urwo rwego.

62 Ese mwasomye, muri Reader's Digest y'uku kwezi, ko abagabo n'abagore b'uyu munsi - abakobwa b'inkumi b'imyaka makumyabiri kugeza kuri makumyabiri n'itanu bagira ugucura kwa bo; kubw'ibyo, bajya mu ngaruka igihe Ikigero cy'ubukure, dukurikije ubuhanga ni hagati y'imyaka makumyabiri na makumyabiri n'itanu. Mu gihe cya njye, byari hafi imyaka mirongo itatu cyangwa mirongo itatu n'itanu. Mu gihe cya mama, umugore ntiyagiraga na rimwe ugucura kwe mbere y'imyaka mirongo ine cyangwa mirongo ine n'itanu.

Ese ni iki ? Ni ukubera ubuhanga, ibyo kurya, ibiryo by'ibituburano byahinduye umubiri w'umuntu kugeza ubwo duhindutse ikirundo cya - ikirundo cy'ikoraniro ry'ukononekara. None, niba umubiri ugaragara wononekaye, ingirangingo z'ubwonko bw'uwo mubiri siko ziri na zo?

63 None, murebe Umwuka ukurikira ibyo. Mu Izina ry'Umwami, hazabaho igihe abantu bazahinduka abasazi burundu. Bibiliya irabivuga. Bazatera urusaku kandi bazatakishwa n'ibintu binini bibi biteye ubwoba mu ntekerezo z'umwuka wa bo. Ni za radiyo n'ibindi byose, za gahunda za televiziyo, bibyara ibyo. Hazaboneka ibintu ku isi nk'intozi z'ubuhagarike bw'ibiti cumi na bine; hazaba igisiga kizaguruka hejuru y'isi, gifite amababa ya kilometer 6,4 cyangwa 8; kandi abantu mu kubona ibyo, bazasakuza, bazataka kandi bazasaba imbabazi binginga. Ariko bizaba ri icyago. Mutegereze ko mbwiriza ku byago byifungura.

64 Mwitegereze icyo Mose yakoze mu bigaragara, ntabwo ari Umwuka igihe yavuze, ati " Mose …" Imana yabwiye Mose iti " Jya hariya," ku muhanuzi wa Yo, "Uyore igipfunsi cy'umukungungu, uwutumure mu kirere kandi uvuge, uti 'UKU NIKO UMWAMI AVUZE, hazaza inda ku isi.'"Ntihari hari inda. Uwo mwanya, batangiye kubona ikintu runaka gitondagira ku gihuru. Bateye imboni, kandi ngibyo na none. Nyuma y'umwanya muto hari hari indundo nini cyane utabashaga ndetse kubona inzira kugira ngo unyure muri ibyo.

Ese ni hehe zaturukaga? Imana ni umuremyi. Ibasha gukora icyo ishaka. Irigenga. Ibasha kurema igisiga kibasha gutanda amababa kuva ku mpera y'isi kikagera ku yindi. Yaravuze, iti « Habeho amasazi yuzuye ubuso bwose bw' isi. » Ntihari hariho isazi n'imwe mu gihugu. Uwo mwanya, isazi y'inyama y ;ubururu yatangiye kuguruka impande zose. Hanyuma hari hari umunani, icumi, cumi n'ebyiri … Kandi hanyuma, ntiwabashaga ndetse na mba kubona inzira kugira ngo uzinyuremo. Imana Umuremyi, ikomeza Ijambo rya Yo.

65 Kandi yarambuye inkoni ye, ku itegeko ry'Imana, kandi yaravuze, ati « Haduke ibikeri kandi, bitwikire isi. » Nuko ibikeri byaradutse ku buryo babikoragamo ibirundo, byaranukaga hose, birashoboka ko metero 10 kugeza kuri 15. Byari biri mu kabati k'imyenda ke - ka Farawo. Byari biri mu... Weguraga ishuka, ugasanga ibikeri magana atanu munsi y'ishuka, munsi y'igitanda, munsi y'ibyiyoroswa. Hose aho bajyaga, habaga hari ibikeri, ibikeri, kandi na none ibikeri. Ese ni hehe byaturukaga? Imana, Umuremyi, Irigenga. Icyo ivuze, Iragikora!

Kandi yavuze ko twajyaga kubona ibintu biteye ubwoba ku isi. Inzige zifite imisatsi nk'iy'abagore, imisatsi miremire, kugira ngo zibabaze abagore bikatisha imisatsi. Amenyo nk'ay'intare, n'imburi mu mirizo nka sikoropiyo; zizababaza abantu kumara amezi. Mutegereze gusa ko tugera ku gufungurwa kw'ibyo byago, kubw'ibyo Bimenyetso, n'ukw'izo Nkuba Ndwi, mwitegereze ibibaho. Oh! Mwene Data, mwaba mukoze neza mugiye i Gosheni. Mugihe bikiri igihe na none cyo kujya i Gosheni. Ntimwirindire hanze, aha.

66 Mwitegereze aha. Dore umukobwa w'inkumi ugenda mu muhanda yinyonga; dore umusore, kandi ibyo bireshya indoro ye. Ni umyoboke w'Itorero. Ni Umupantekote. Ari icyo ari cyo. Ariko rwose bidatinze murasanga ko adafite inkingi y'akaramata aho mo imbere. Azamubwira, ati "Uraho." Afite imisatsi ifunze, kubwo kuvuga ko ari umusore mwiza w'intugu rwose zigororotse, birashoboka ko yagerageje kubaho ubuzima butunganye. Akimwegera, ibyo bishobora ndetse kuba ari umubwirizabutumwa. Kandi rwose uwo mwanya …

Ese ni iki? Ibyo, aha, ukwifuza k'umubiri; kandi nyamara Umwuka, aho mo imbere, arasizwe, kandi aravuga, ati "Ntubikore, ntubikore." Ariko ni iki kizabaho? Ibyo bituma akebuka, arafatwa, kandi dore ng'uwo aragiye. Hanyuma, agerageza guhana na we gahunda. Agiweho n'urubanza rwo kuba yakoze ubusambanyi, yamukoraho cyangwa atabikora.

67 Ariko Umwana w'Imana nyakuri wavutse ubwa kabiri … Amina!

Ntimubasha kubigeraho mwenyine. Ntibishoboka rwose ku u - mugabo nyirizina ko yanyura imbere y'umukobwa nk'uwo nta kintu kibayeho. Ariko iyo hari Ikintu Runaka imbere, icyo Kintu gito Runaka, yaravutse ubwa kabiri …

Uwo muntu abasha kuba yateye urusaku, yavuze mu ndimi, yasimbutse, yambyinnye, n'ibindi, asizwe n'Umwuka; abasha kuba yakoze ibimenyetso byose n'ibitangaza byo Imana yasezeranye mo aho, kubw'Umwuka We … [Mwene Data Branham ahubita inshuro eshatu ku ruhimbi. - N.D.E]

Yesu yaravuze, ati "Benshi bazaza kuri Njye kuri uwo munsi, kandi bazavuga, bati 'Mwami, sinahanuye mu Izina rya We? Sinirukanye abadayimoni mu Izina rya We? Sina …'" Yaravuze, ati "Mumve imbere, mwebwe abakora ibyo gukiranirwa." Gukiranirwa, ni iki? Ni igihe muzi icya ngombwa cyo gukora, ntimugikore." Mumve imbere, mwebwe abakora ibyo gukiranirwa; sinanabamenye ndetse.

Ariko imbere h'uwo muntu, niba iyo nkingi nto y'akaramata yari iri aho, iyo Mbuto y'Imana yateguwe mbere yo gushyiraho imfatiro z'isi; icyabaho icyo ari cyo cyose, irayikomeza. Iguma aho.

68 Ni kubw'ibyo uwo mugore yambara amakabutura. Afashwe nk'indaya, neza neza nk'ukora igikorwa. Murabibona? Ntabwo azi ko uwo mwuka … Ni buryo ki yabimenya? Kubw'ikidakuka cye.

Ese ikidakuka ni iki ? Ni ijambo rya nyuma. Ikidakuka, ni amena. Ni iherezo ry'impaka zose - ikidakuka cyanyu.

Kandi niba Itorero ryanyu, Itorero rya Pantekote, bibabwira ko imisatsi miremire n'ibyo byose, ari ukuba inkunda rubyino, "Mufite ingasire y'ubutabazi inyuma y'umutwe," n'ibindi n'ibindi. Ubwo bwoko bw'ibintu, uyu muntu ahanzweho n'umubi.

Kuko Ijambo ry'Imana rivuga ko biteye isoni ku mugore kwikatisha imisatsi, akoza isoni umutware we. Kandi niba akoza isoni umugabo we, kandi umugabo we, ni Itorero, kandi Itorero, ni Kirisito … Ni indaya y'urukozasoni y'umunyedini yambaye ubusa, kandi itabizi. Yambaye ubusa! Bibiliya ntivuga ko igitwikirizo cy'umutwe w'umugore, ari umusatsi we? Umusatsi we ntiyawuhawe nk'igitwikirizo?

69 Umunsi umwe, aho mu rukiko rw'urubanza … Nagerageje kubamirisha umuti, no kuwufatisha ibiganza bya njye, kandi uwo mwanya mwarongeye muwucira hagati y'intoki. Umunsi umwe, Imana izabacira urubanza. Ni UKO NI KO UMWAMI AVUZE. Ntabwo cyari ikirundo cy'ubugoryi, cyangwa umusazi ukuze mu mimerere ye yose. Ntabwo ari ibyo, kuko ni Ijambo ry'Umwami.

Kandi uwa nyakuri, umukristu w'umwimerere, azisanisha n'uwo muntu w'imbere, uwo mwuka wahoze aho ku itangiriro, ari wo Jambo.

Nk'uko We yari ukuzura kwanyu mwese, mwahoze muri We aho i Kaluvari. Yari azi mbere ko mwajyaga kuzaba muri aha. Yerekanye gusa icyajyaga kubaho. Kandi mwahoze muri We; mwapfanye na We. Mwapfuye ku bwibone bwanyu, mwapfuye kumyifurize ya nyu, mwapfuye ku isi. Igihe We … Mwapfanye na We i Kaluvari, kandi mwazukanye na We igihe yazutse ku munsi wa gatatu. [Mwene Data Branham akubita gatatu ku ruhimbi - N.D.E] Kandi kubera ko mwamwemeye, mwicaye ubu ahantu ho mu Ijuru muri Yesu Kirisito. Haleluya!

70 Muri yo. Ni uwo muntu w'imbere. Ni aho imbere hahamya Ijambo, homatana n'Ijambo, uko byamera kose … Hafite imbaraga kubarenza. Namenye ibyo hashize imyaka myinshi.

Uruhinja rwanjye ruto rwari ruryamye aho rurimo gupfa. Umugore wa njye yari arambaraye aho, mu u - u - mu buruhukiro azizwe umuti kandi ateguwe. Barampamagaye, Shalon yari arimo gupfa. Ni ukugeragezwa gukomeye cyane nigeze ngira m'ubuzima bwanjye. Nari mfite hafi imyaka makumyabiri n'itanu. Nagiye aho, kandi Billy Paul yari ari ku nkingo y'urupfu.

Umudogiteri Sam yaraje, kandi arambwira, ati "Bill, sinizera ko turi bubashe gukiza Billy. » Yaravuze, ati "Ameze nabi cyane." Yaravuze, ati "Billy, binteye intimba cyane ku bwawe." Yanyujije amaboko kuri njye ayangotesheje.

Naravuze, nti "Doc, singifite imbaraga na busa."

Nyuma y'amasaha make, barahamagaye, ku kibazo cy'uruhinja rwanjye, Shalon, bari bamujyanye aho bihuta … rwose kuba bamutera ibinya, bidatuza. Bamuteye urushinge mu ruti rw'umugongo, bavomye amatembabuzi, bagaragaje ikimentetso: mugiga y'utubyimba duto.

71 Nashatse inzira kugera ku ivuriro, nahagaritse ikamyoneti ya njye ishaje, naramanutse, nuko natangiye kugenda ngana icyumba. Nuko mbona Sam aza ansanga, ingofero ye mu ntoki, arira. Yashyize ukuboko kwe kuri njye nuko aravuga, ati « Isubirire yo, Billy. »

Naravuze, nti «Ni iki kibaye? »

Yarambwiye, ati « Ntubasha kumubona. »

Yaravuze, ati « Arimo gupfa Billy. »

Nuko ndavuga nti, «Oya Sam! Ntabwo ari uruhinja rwa njye! »

Yaravuze, ati « Ni byo. » Yaravuze, ati « Ntumusabe ndetse, Billy.‟ Yaravuze, ati ”Aramutse abayeho, yaba ababaje. » Ati « Yazaguma kuba ingagare (pararize), kandi yazakomeza kubabara ubuzima bwe bwose. » Ati ‟afite mugiga”, ati, ‟wowe ntumwegere, utaza kwanduza Billy.”

Naravuze, nti « Sam, ni ngombwa ko mubona. »

Yaravuze, ati « Ntushobora, Bill. Ndabikubujije. Uzi uburyo nkubaha, uri mugenzi wa njye n'ibindi byose.‟ Yaravuze, ati ”Ndakubaha cyane, kandi ndakwizera, Bill, ariko ati - ntumwegere.‟ Yaravuze, ati ”Afite mugiga.‟ Murabibona? Yaravuze, ati ” Mu minota mike, araba yitabye Imana. Turajya kumushyingura.‟ Ati ”Bill, binteye intimba cyane ku bwawe.‟

72 Yahamagaye umuforomo kugira ngo anzanire ubwoko bw'umuti. Yaravuze, ati ‟ Ntabwo nzi uburyo uyu muntu abasha gukomeza guhagarara.”

Nagumye aho akanya gato. Yazanye umuti. Naricaye, muri koridoro. Yaravuze, ati ‟Iyicarire aho.” Nuko umuforomo yarawuzanye, arambwira, ati ‟Munywe uwo muti, Mwene Data Branham.”

Naramubwiye, nti Murakoze, ba uwushyire aho akanya gato. Igihe yagiye, nawusutse mu gakoresho baciramo, nuko ntereka ikirahure.

Naravuze, nti ‟Yoo! Mana! Ni iki nakoze! Uri Imana nziza. Kuki wamuretse agapfa? Mu gihe nari mfashe utuboko twe tubiri gutya?” Nkwinginga kubwe. Kubera iki wamurete akagenda? Billy ari hariya, arimo gupfa; ‟kandi nguwo na we na none. Ni iki nakoze? Kimbwire! Mwami, byaba byiza tujyanye na bo”

Nakinguye urugi, nta muforomo wari uri aho. Namanutse mu nzu yo hasi. Byari mbere y'uko byose bishyirwa mu buryo ku ivuriro. Inzitiramibu, hasaga n'ahatari hari inzitiramibu ku madirishya, kandi amasazi yari ku twiso twe. Bari bamushyizeho agace k'inzitiramubu (twita ibyo umwenda w'agatimba) ku maso. Nirukanye isazi. Yari aryamye aho. Yarababaraga cyane ku buryo utwiso twe duto twarebaga imirari.

73 Nuko satani yaraje aho hafi yanjye, nuko arambwira, ati ‟Tuvuge ko ari Imana nziza da, siko biri?

Naravuze, nti ‟Ni byo, ni cyo navuze. »

« Wavugaga ko ari Umuganga, siko biri? None, ni buryo ki wasobanura ko so yapfiriye aho mu maboko ya we, mu gihe wasengaga, yari umunyabyaha, kandi wasabaga ubugingo bwe? Ni buryo ki wasobanura ko mwene so yapfiriye mu maboko y'umwe muri bene so, aho, mu gihe wari uri ku ruhimbi ubwiriza, hashize ibyumweru bike? » Yarambwiye, ati «Rero, kubera iki atagushubije? Wavugaga ko Agukunda, kandi ko Yagukijije. »

Ntiyabashaga kumbwira ko Imana itabaho, kuko nari naramaze kuyibona. Ariko yambwiraga ko Itari yitaye kuri njye.

Yarambwiye, ati « Umugore wawe arambaraye hariya. Abana ba we mu mwanya muto bagiye kuba bariyo na none. Papa wa we yarashyinguwe. Mweneso yarashyinguwe. Kandi umugore wa we agiye gushyirwa, ejo. Kandi dore na none dore umwe mu bana ba we arimo gupfa. Ni Imana nziza, ni Umuganga?‟ Yarambwiye, ati ”Wihaye urw'amenyo gusa!‟

74 Ese ni iki cyabaye? Yakoraga neza ahereye inyuma, kuri uwo muntu wa mbere.

Yarambwiye, ati ‟Noneho umva. Urabizi, igihe wari uri, hashize imyaka mike, hashize hafi imyaka ibiri cyangwa itatu, mbere y'uko wemera Ibyo, wari ufashwe neza mu bantu. Wari ubayeho ubuzima buzira amakemwa kandi buboneye. Umukobwa uwo ari we wese wo muri uyu mugi wifuzaga gusohoka, yabashaga gusohokana na we, kubera ko hamwe nawe, bumvaga batunganye kandi bakwiriye.”

Nabashaga guhagarara imbere ya buri wese muri bo. Sinari narigeze mbatukamo n'umwe. Nta cyo nigeze mvuga. Niba ndetse yarakoraga uburyarya, namujyanaga iwabo imuhira. ‟Kandi abantu baragushimaga. Ariko ni iki wahindutse cyo uyu munsi? Inkundarubyino y'umunyedini!”

Ni byo, ni byo byahozeho. Murabibona, ibyo bintu, byatangiraga gukorera hamwe? Inyuma haribazaga, kandi Umwuka yakoreshaga ibyo bintu hamwe. ‟ Ni Satani.”

- Kandi rero wavugaga ko Ari umuganga, siko biri?

- Nibyo. Nibyo, nibyo. Nibyo.

- Kandi waringingaga waranariraga, kandi abantu bakubwiraga ko wibeshayaga, ko wari uri mu nzira itari yo. Itorero ryawe bwite ryagushyize hanze, kubw'impamvu y'ibi, Itorero ryawe bwite, ry'Abatisita, ryagushize hanze, mu by'ukuri kubera impamvu imwe.

- Ng'ibyo!

- Iso yarashyinguwe, mweneso yarashyinguwe, umugore wawe arambaraye hariya, ateguriwe gushyingurwa. Dore umwana wawe mu minota hafi cumi n'itanu araba apfuye. Kandi ni Umuganga, siko biri? Umubiri wawe bwite n'amaraso yawe bwite; ijambo rimwe ku rihande Rwe rizakiza ubuzima bw'uriya mwana. Wavuze ko ari Umuganga. Abantu bagerageza ku kubwira. Umubwirizabutumwa yakubwiye ko wari waravangiwe, ko wari umusazi burundu, ko wari warahindutse inkundarubyino y'umunyedini. Kandi ukavuga ko Agukunda. Ese birashoboka ko agukunda?‟

75 "Kandi uburyo waririye so? Uburyo wiyirije ubusa, byaba nyuma y'umugoroba. Kandi umunsi, byari biri ngombwa ko usenga, ko uzamuka ku nkingi, kubwo gukora. Kandi yaramuretse apfa ari umunyabyaha, mu maboko yawe!"

"Kandi umugore wawe, mbega umugore w'umunyamurava, kandi waramukundaga cyane!" Nyina wa Billy, benshi muri mwe, muribuka Hope. "Mbega umugore wari ukiri muto w'umunyamurava! Uko mwari munezerewe mu nzu yanyu nto, aho, mufite ibikoresho byo munzu bifite agaciro k'ibihumbi birindwi cyangwa umunani by'amadolari, ibyo mwari mufite nk'ibikoresho. Ariko nyamara waramukundaga, kandi mwebwe - mwarikundaga. Kandi wagiye gusengera abandi bantu, kandi kubw'ubwoko bw'amarangamutima y'intekerezo, barahagurukaga, baragendaga, kandi bavugaga ko babaga bakize. Ariko noneho umugore wawe bwite … Dore ng'uwo urapfuye. Hashize iminsi ibiri ubu, arambaraye hariya, ku ushinzwe iby'abapfuye (scott & Combs). Ni Umuganga, si ko biri?

"Kandi akana kawe k'agahungu k'amezi cumi n'umunani, Billy Paul, kari ku ngingo y'urupfu. Kandi agakobwa ka we gato k'amazi umunani karyamye aha karimo kwicwa na mugiga. Warasenze, kandi Imana yafunze imyenda y'amadirishya, Yaravuze, iti "Ceceka!‟ Ntiyumvise - ntishaka kumva na mba. Yaguteye umugongo. Ni Imana nziza, siko biri? Iragukunda, siko biri? AbAkobwa bose wagendereye, abahungu bose bahoze kera ari inshuti zawe, inshuti zawe magara, zakuvuyeho, kubera ko uri inkundarubyino y'umunyedini."

76 Ibyo yambwiraga byose, byari ukuzi. Ibyo yavugaga byose, byari bifite ishingiro neza neza. Murabona? Icyo gihe, nari ndi hafi yo kuvuga, nti " Rero njyewe … Niba ari ibyo, sinzayikorera na mba."

Nuko mu gihe nibwiraga ibyo, ikintu runaka cyaturutse ahandi, kure mu ndiba y'imbere, nuko cyaravuze, kiti "Mbere ya byose, Uri nde? Umwami yaratanze, kandi Umwami Yishubije."

Murabibona, ni uwo muntu w'imbere. We, ntatekereza na busa. Narebye igihe cyashize, kandi naribwiye, nti " Ni buryo ki naje ku isi? Nkomoka mu itsinda ry'abasinzi. Ni buryo ki naje aha? Ni nde wampaye ubuzima? Ninde wampaye umugore? Ninde wampaye uwo mwana? Ni hehe umugore wanjye yaturutse? Ni he ubuzima bwanjye bwaturutse? Naravuze, nti "Ndetse n'ubwo Yanyica, nzagira igihe cyose icyizere.‟

Naravuze, nti "inyuma yanjye satani!"

77 Narambitse ikiganza cyanje ku mwana. Naravuze, nti "Shalon, nshuti yanjye, ngiye kugushyira mu maboko ya mama wawe mu minota mike, igihe Abamarayika b'Imana bari buze kugutwara. Ariko umunsi umwe papa azakubona. Sinzi uburyp ibyo bizabaho, nshuti yanjye, simbasha kubikubwira, mugihe Anteye umugongo, Ntiyifuza ndetse kunyumva ku kibazo cyawe."

Yararetse umugore wanjye arapfaa igihe nari mfashe ibiganza bye, ndira ku bwe. Kandi data (mu maboko ye) yapfiriye kuri uku kuboko, rwose aha, anyitegereza, agerageza kongera gufata akuka ke. Kandi narasenze n'imbaraga zanjye zose. "Ni buryo ki nabasha kongera guhagarara imbere y'abantu ngo mbwirize ugukira indwara kubw'Imana? Ni buryo ki mbasha kubwiriza ko ari Imana nziza mugihe Yaretse data bwite agapfa ari umunyabyaha? Ni buryo ki mbasha kubwiriza ibyo? Simbizi, ariko nziko Ifite ukuri.

78 Ijambo ry'Imana ntirizateba na rimwe. Rizanesha, uko byamera kose. Rero namenye ko hari hariho Ikintu Runaka cyimbitse cyane kirenze imitekereze yose, Ikintu Runaka cyimbitse cyane kirenze amarangamutima yose, kirenze ibindi byose byo muri ubwo bwoko. Hari hari umuntu imbere, kandi we, yahagaze neza icyo gihe. Nta wundi wajyaga kubasha kubikora. Imitekereze yose, byose byabashaga kwerekana, byose byabashaga kugaragaza ko bitari ukuri, ko nari ndi mu ikosa. Ariko Ijambo ry'Imana ryari ryarateguwe mbere yo gushinga isi, Ryo Ryahageze neza, imbere.

Numvise akayaga gake mu cyumba. Umwuka we wagiye guhura n'Imana.

79 Mwene Data, mushiki wanjye, ngiye kubabwira ibi: ni ikintu kimwe aho. Ntimukagerageze gutekereza kuri ibyo. Ntimukagerageze kugira imisatsi miremire kubera ko ari njyewe wabivuze. Ntimukagerageze gukora ibyo bintu byose kubera ko, mu mubiri … Ntimukagerageze kubikora gusa kubwo kuba ku rwego runaka. Ahubwo mutegerereze imbere y'umwami, kugeza ubwo Ikintu Runaka, rwose mu ndiba, imbere.

Benshi batekereza ko, kubera ko bafite imisatsi miremire, bishaka kuvuga ko bazajya mu Ijuru.

Ntibishaka kuvuga ibyo. Benshi muri bo batekereza ko niba uri umugore w'imyitwarire myiza, rero azajya …? Ntibishaka kuvuga ibyo.

80 Benshi batekereza ko, kubera ko Amatorero yabo … ari abayoboke b'iri cyangwa iri tsinda rinini, rifite abigisha bakomeye mu buhanga bw'iyobokamana … Ntibishaka kuvuga ibyo. Murabona? Benshi batekereza ko, kubera ko bavuga mu ndimi, baba bafite Umwuka wera. Ntabwo ari cyo bishaka kuvuga, nubwo Umwuka wera avuga mu ndimi. Ariko igihe cyose uwo Mwuka wera nyakuri kandi w'umwimerere atari aho imbere kugira ngo yisanishe na buri Jambo …

Niba uwo Mwuka wera muri mwe, atuma muvuga mu ndimi, itegereze aho, kandi ntiyisanisha n'Ijambo risigaye, rero ntabwo ari Umwuka mwiza. Murabibona?

Ibyo bigomba kuza biturutse imbere, ari ryo Ijambo uhereye itangiriro. "Ku itangiriro ryo kurema kw'Imana," Igihe Imana yatangiye kurema, ibazana mu kubaho … Murabona. Aho, mwatangiye nk'imbuto, kandi mwageze aho muri ubu. Kandi rero, mwahoze mwese muri Kirisito. Hanyuma, igihe Kirisito yapfuye, yapfuye kugira ngo abacungure mwese. Kandi muri agace k'iryo Jambo. Ni buryo ki Bibiliya yabasha … Byose ni "Itegeko ku itegeko, ibwiriza ku ibwiriza, aha bike, hariya bike." Nta nyuguti n'imwe izateba.» Ni buryo ki bishoboka rero ko mwebwe b'agace k'iryo Jambo, mutabasha kwemeranya n'Ijambo risigaye, cyangwa n'agace k'Ijambo?

81 Imana ibahe umugisha. Narengeje isaha noneho. Ntabwo bwari ubushake bwo kubafata igihe kirekire cyane. Ndicuza kubwo kuba nabatindije; ariko sinicuza kubw'ibyo navuze.

Turi ku iherezo ry'ikintu runaka, nshuti zanjye. Mwebwe mwese aha, mwese muri abayoboke b'iri torero. Sindi hano kubwo kumenya abari abayoboke. Ndibwira ko mwese muza aha buri gihe. Munyemerere mbabwire ikintu runaka cyabayeho. Murifuza kumpa tuvuge, iminota itandatu y'inyongera?

82 Ese aho mugenzi wanjye umushumba mukuru ORLAND Wolker, wa Oregon, wari uri aho, kucyumweru aho nari ndi hano? Umuntu waba azi icyo kintu gitangaje cyane? Igihe nageze aha, hari hari abantu benshi, Nari mfite rwose ikirundo cy'ibibazo, kandi buri kimwe muri byo kirahangayikishije: abana babo bashatse, abasinzi n'ibintu bitandukanye, ibintu byari bihangayikishije. Byajyaga kunsaba ko ndeba buri wese muri bo. Sinabasha gukora ibyo byose. Mbeguriye Imana, mbirambuye ho ibiganza hejuru kandi ndasenze. Ndavuga, nti «Oh! Mana, njyewe - sinajyaga kubasha kubikora. Basange, Mwami. Kora … Wowe, uzi uburyo wabikora. Nsengeye buri wese muri bo. »

83 Billy yarampamagaye. Nari maze kuhagera na Mwene Data Banks. Yarambwiye, ati "Papa, wowe …" Mwumve, inshuro nyinshi mbona abantu banyura mu modoka aho, mu gahanda, bitegerezamo imbere, kandi njyewe mbarebera inyuma kandi nkabakorera ikimenyetso cy'ikiganza, gutyo, kandi bo - bahindukiza ku buryo bugaragara umutwe. Sinifuza ko mukora ibyo.

Undi munsi igihe twaguraga iyo nzu kugira ngo tuyiture mo, aho i Tucson, hari hari inzu aho yo Mwene Data Tony yifuzaga kungurira, kandi yaguraga inshuro eshatu cyangwa enye kurenza iyi. Yari yiteguye ndetse kwishyura ibihumbi byinshi by'amadolari bivuye mu mufuka we. Ariko uburyo bumwe bwo kwinjira aho, umuzamu yari yarashyizwe ku muryango. Kugira ngo urebe umuntu wese utuye aho, bisaba uburenganzira bwanditse, rero umuzamu ahamagara umuntu kugira ngo arebe niba abasha kubareka mukinjira.

Naramubwiye, nti "Urambona njyewe, mu gihe hari benedata na bashiki banjye baza kundeba, baba bifuza kunsuhuza no gusaba Imana ngo impe umugisha, urambina njye ntuye hariya Tony?

Yaranshubije, ati "None, mufite …"

Naramubwiye, nti "Tony, Itorero n'abandi bose basabye abantu kutaza aho, - ni ko navuze," ni ku mpamvu y'abantu bifuza ko nsubiza ibibagoye byabo byose."

Bo - baravuga, bati "None, Umwami yarambwiye … Haleluya! Sinzava aha. Ikuzo ribe iry'Imana! Umwami yambwiye ko mugomba kuza gukorera amateraniro aha, mu itsinda ryacu. Ni ukuri rwose, Ikuzo ribe iry'Imana! Ni Imana yabimbwiye. Niba mutabikoze, Mwene Data Branham muba musubiye inyuma, ibyo, ni ukuri rwose. "Kandi njyewe, ndi aho mo imbere ngerageza kwiga, murabibona. Ni kubw'ibyo. Murabibona? None abantu b'abanyamurava babuzwa kwinjira, ku mpamvu y'ibyo.

84 Ni nk'igihe umuntu agiye guhiga aho mu rwuri. Nyiri urwuri aramubwira, ati " Mwigendere, mubasha guhiga." Nuko ajya aho kandi akica imwe mu nka ze; urukwavu runyura mu nsi y'inka, nuko mukarasa uko biri kose ku rukwavu. Mwurira ku ruzitiro, aho kugenda mukagera ku nkingi kandi mukurira munyuze aho, nk'umuntu wiyubashye yajyaga kubikora; mwurira uruzitiro kandi mukarusenya, nk'uko. Murabibona? Rero azavuga, ati "Ngiye gushyiraho itegeko ribuza kwinjira! Si - simucira urubanza na mba, habe na mba. Ariko se ni iki yakoze? Abuza umuhigi wiyubashye kuhinjira. Buri gihe cyose ni nk'ibyo. Ni ikibi kibuza icyiza kubaho. Igihe cyose.

85 Ariko abo bantu ni … barahari ibihumbi mu by'ukuri bari mu kibazo, kandi abantu b'abanyamurava, abantu buzuye urukundo, buzuye ubuntu bw'Imana.

None dufite iyi nzu … abo bantu baraza gutyo. Ntitwifuza, ntitwifuza ibyo, oya.

Ariko uwo muntu yaraje. Billy yarambwiye, ati "Genda, ihute noneho ihute cyane, papa." Yaravuze, ati "Mme Woldorf ari ho hamwe, n'umuntu upfa; ni ngombwa ko ubareba wihuse." Rero, nihutiye kuza aha. Kandi ngarutse, bambwiye, bati "Aha, hari umuntu umwe gusa uryama aho iruhande, aho, uhora ku musego iminsi yose, aho iruhande rw'inyubako." Yaravuze, ati "Yifuza ko wamusengera."

Naravuze, nti "Ni byo." Yaravuze, ati "Nzamwinjiza." Naraje. Hari hari, ndizera, Cadillac ihagaze, aho, inyuma, ubwoko bw'imodoka nini. Nageze mu modoka … Kandi uwo muntu yaravuze, ati "Muraho." Ntiyari anzi. Narinjiye. Kandi mushiki wacu Woldorf, umutindi, yarinjiye. Murabizi, yari … Muzi ikibazo cye, si ko biri? Murabibona, yari afite kanseri, yari upfa mu murongo w'abasengerwa, hafi isaha mbere y'uko ngera kuri we. Umuganga we yari yaje, yari yarerekanye … Hashize hafi imyaka cumi n'umunani, kanseri y'umutima, murabibona, kandi ariho uyu munsi. Ubu atuye muri Arkonsas.

Kandi icyo gihe, yari ari i Phoenix. Yaravuze, ati "Mwene Data Willie, nanga kwinjira gutya ariko," yaravuze, ati "Sinari mfite ahantu ho kuguma. Sinifuzaga … Abo bantu bavuze ko uwo mugore agiye gupfa, Mwene Data Willie." Yarambwiye, ati « Nari nifuje kubazanira ituro rito mu kiganza cyanjye Mwene Data Willie, » ni ko yavuze, « Ariko sinabishoboye. Ariko nashyize mu buryo butangirika ikivuguto cy'imbuto z'imikeri. »

86 Igihe nagiye aho nuko nabonye utwo twungo duto tw'ikivuguto cy'imbuto yari yashyize aho, njyewe … Kubwanjye, ibyo byangaragariraga nk'ibyo kubahwa cyane kubwo kubirya. Uwo mugore muto mukundwa, ufite hafi imyaka mirongo irindwi. Naramubwiye, nti « Mushiki wanjye Hattie … » Njyewe - sinabashaga kwanga. Oya. Yesu yabonye urya mupfakazi atanga amasenge atatu, kandi We - We yaramuretse arabikora. Murabibona? Oya. Imana izamuhemba kubw'ibyo. Ni byo.

Nuko rero Umwami yakijije ubwo burwayi uwo mugore. Yamukijije ibyo yari afite byose, Yahishuriye umushumba we ibyo we, ibyo we, ibyari bimuraje ishinga, icyo yagombaga gukora, n'ibindi, kandi, oh! Basohotse bose batera hejuru.

87 Nuko Billy yinjiye yiruka, nuko arambwira, ati «Papa wa muntu yagiye. Simbasha...»

Naramubwiye, nti « Ni uri mu modoka, hariya?

« Oh! » Niko yavuze, ni umuntu waje aturutse Oregon, aravuga ko yagize ubwoko bw'inzozi, kandi namubwiye, nti «Sinifuzaga kumuha icyizere kitariho. 'Hari magana atatu aha bategereje mu gihe kimwe.' Nuko yaravuze … » Namubwiye gusa kwandika inzozi. Uko biri kose, mbifite hariya umurundo nk'ibyo. Ngiye kumushyira hamwe n'abandi. »

Naramubwiye, nti « Mwinjize. Umuhe iminota itanu. »

None, igihe uwo muntu yinjiye … Iminota itanu. Yarambwiye, ati «Ndi Umushumba mukuru Wolker, » Ndatekereza ko ari uko yitwaga, « Wa Oregon." Ntekereza ko yari uwo mu idini runaka, simbizi, Umupuresipiteriyene, Umwepisikopari, cyangwa ikindi kintu.

Yarambwiye, ati "Nahuye namwe hashize imyaka makumyabiri. Nari naramanutse njya i Grants pass, aho …" Cyangwa … ntibyari Grants pass, nibagiwe ahubwo izina ry'ahantu. Aho, ni ko yavuze, ati "Agace kose … Imitwe minini y'ibinyamakuru ibitondo byose, niko yavuze, bose bari babimenye." Yaravuze, ati "Sinabashije ndetse kwinjira mu nyubako aho mwari muri, ariko narakubonye umunsi umwe, uzamuka umuhanda, nigiye hafi." Hari hari abantu bane cyangwa batanu babagose, kandi nabahaye ikiganza. Kandi mwebwe … Nababwiye ko nari mweneso Wolker, kandi mwambwiye abo muri bo." Yaravuze, ati "Twavuganye amagambo make, hanyuma abagabo bakomeye batatu cyangwa bane bari bari kumwe namwe barababakomezanyije." Yaravuze, ati "Sinari ndi mubakunenganga, kandi sinari ndi na none mu ruhande rwawe." Yaravuze, ati "Gusa, Sinasobanukirwaga."

88 Yarambwiye, ati "Byakomeje gutyo kumara imyaka mike, nuko nyuma y'igihe gito," yaravuze, ati "Njyewe: umuntu yambwiye kuza kumva imfatamajwi (bande), ibyo bimaze hafi imyaka itatu." Nuko yaravuze ati "Uwo muntu yacuranze imfatamajwi (bande). Kandi igihe yabikoze, yaravuze, ati 'Namwumvise avuga.' Kandi yaravuze, ati 'Uwo muntu yizera ko uri umuhanuzi. Naravuze, nabwiye uwo muntu nti 'Siniyizi, muri ibyo bintu. Birashoboka ku byo nzi?"

Rero yaravuze ati: "Nyuma y'ibyo undi muntu yaje mu mugi wacu, yakoresheje iteraniro, nahuye na we. Yaravugaga, ati "Ndi umuhanuzi w'Imana w'uyu munsi.

Yaramubwiye, ati "Uko biri kose, muri bangahe?" Yaravuze, ati "Njyewe - njyewe - numvise ko umuntu aha, wumva imfatamajwi (bande) avuga, ati "William Branham, hariya mu burasirazuba, ni umuhanuzi w'uyu munsi," N'ibintu nk'ibyo.

Yaravuze, ati “Uwo muntu …” SIndibuvuge izina rye, kubera ko bitaba byiza kubikora aha, murabibona. Yaravuze, ati “William Branham, ndamuzi; yaravuze, ati 'Ariko inyigisho ye irapfuye burundu.' Yaravuze, ati 'Ntabwo ari Umupantekote, ntiyizere ikigaragara cy'ibanze.' Kandi yaravuze, ati 'Ikindi kintu, avuga, ati 'Abahanuzi bakuru n'abahanuzi bato; ibyo ntibibaho.” Yaravuze, ati “ Uba uri Umuhanuzi cyangwa utari we, ni byo.

89 Yaravuze, ati « None, mugenzi wanjye, ndi … sinifuzaga kujya impaka na mwe kuri iyo ngingo. Ndavuga gusa ko numvise uwo muntu avuga ko uwo muntu, William Branham ari … kandi uwo muntu yavugaga ko yari umuhanuzi. » Yaravuze, ati « Nibazaga gusa uko abahari uko bangana. »

Yaravuze, ati «Ariko ndashaka ko mumenya ibi : Ni njyewe umuhanuzi w'iki gisekuru. »

Nuko yaramusubije, ati « Mu by'ukuri ? » Yaravuze, ati « Rero, Umwami abahe umugisha kandi abane na mwe. »

Yarakomeje, atabyitayeho namba. Kandi yavugaga ko yari yatangiye gukoresha urukurikirane rw'amateraniro muri bene se. Kandi yagiye ku iposita kubwo kuvuga, ati « Nti - ntimugakurikiranye Ubutumwa bwanjye. » Murekere ibyo aha, ni ko yavuze, « nzagaruka, mu minsi ine cyangwa itanu. » Baravuze, bati « Ni byiza cyane. » Bashyize inyandiko nto aho kubwo kuvuga kudakurikiranya Ubutumwa. Yagiye kureba umukobwa we. Kandi mu nzira ye, we - yahagaze ku itorero. Kandi yabwirije uwo mugoroba. Umunsi ukurikiyeho mu gitondo, yavugaga ko byamubayeho agatekereza, ati “Genda ushake ubutumwa bwasigaye.” Kandi igihe yagiyeyo, hari hari ibaruwa yari yoherejwe uko biri kose n'iposita, kandi yari yageze ku mukobwa we; umukobwa we yari yayigejeje aho, mu butumwa busigara.

90 Nuko yarayifunguye. Kandi yavugaga ko yari iturutse ku muntu, M.Hildebrandt, umwe mu nshuti zanjye, kandi yari We wajyaga acurangaga imfatamajwi (bande). Yavuze ko M.Hildebrandt yari yamenye kubwa Roy Borders (ari we umwe mu bategura gahunda, murabizi), ko nari ngiye gukoresha urukurikirane rw'amateraniro aha, guhera ku ya makumyabiri n'umunani kugeza ku ya mbere. Yaragarutse ku giti cye.

Yaribwiye, ati “None, umva ibi uko abo bantu bagerageza kunkurura mu kintu nk'icyo.” Murabibona? Kandi rwose yajugunye ibaruwa mu kimoteri kandi yarakomeje, murabibona, gutyo. Yarakomeje kandi yakoresheje amateraniro kuri uwo mugoroba. Nuko igitondo gikurikira … Nuko yashyize ikiganza ku mutima we, nuko yatangiye kurira, rwose aho mu biro.

91 Yaravuze, ati “M. Branham, nzi neza ko nzagira guhagarara imbere y'Imana.” Yaravuze, ati “Sinzi niba nari nsinziriye cyangwa se icyabayeho. » Yaravuze, ati ”Nagize inzozi. Tuvuge ko nari nsinziriye kandi nagize inzozi.‟ Yaravuze, ati ”Byambereye nko kubona umuhungu wanjye, mu isoko, aseseka ikiganza cye mufuka.‟ Yaravuze, ati ”Igihe yabikoze, wari umufuka wa za pome, zaramenetse zose.‟ Yaravuze, ati ”Igihe negereye kugira ngo nzitoragure, zose zari pome mbisi hama kandi bari barumyeho kandi bavanyeho umutamiro kuri buri yose.‟ Yaravuze, ati ”Narazitoraguye, kugira ngo nzigarure mu mufuka.‟ Yaravuze, ati ” Hari izari zatembye, zamanutse zitemba, niko yavuze, natangiye kugerageza kuzishaka, munsi … mu byatsi.‟ Yaravuze, ati ”Zari zatembeye munsi y'uruzitiro rufungishije umunyururu. Kandi umuhanda mugari cyane wanyuraga aho. Nahindukiye nerekeye iburasirazuba, “yaravuze,” kandi umunyururu wari uhambiriye ku ibuye rinini aho iburasirazuba. Nagarutse aho, natekerezaga guhambura uwo munyururu, nkajya aho gutoragura zapome z'uwo muntu.‟ Yaravuze ati ”Natangiye kubohora uwo mugozi.‟

92 Yaravuze, ati “Ijwi ryanyeganyeje isi yose.” Yaravuze, ati “Isi yaranyeganyeze munsi y'ibirenge byanjye.”

Yaravuze, ati “Igihe umushyitsi wahagaze , numvise ijwi.” Nuko yaravuze, ati “Mwene Data Branham ryari ijwi ryanyu,” ni ko yavuze, “ndabizi, ikintu runaka cyarabimbwiraga, ni ko yavuze. » Icyo cyaravuze, kiti ”Cyaravugaga kiti ' Nzazenguruka na none inshuro imwe muri aka kayira!'‟ Yaravuze, ati ”Natangiye kuburira amaso ku rutare, gutya, kandi nitegereje cyane, hirya y'ibicu. Kandi kure cyane hejuru aho, ku rutare rwavaga iburasirazuba rukagera iburengerazuba mu ishusho isongoye nk'ibyo, nka piramide, nagarutse aho niruka ngana iburasirazuba, ni ko yavuze, kandi mwari muri aho ku ifarashi, nk'uko nari narigeze kubibona mu buzima bwanjye; ifarashi nini y'umweru, ufite umugara muremure w'umweru.‟ Yaravuze, ati ”Mwari mwambaye nk'umutware w'umuhinde hamwe n'ibintu byose Abahinde bakoresha.‟ Yaravuze, ati ”Ufite igisingo mu gituza ibikomo ku maboko, n'ibintu byatenderaga impande zose, nk'ibyo.‟ Yaravuze, ati ”Mwari mufite ibiganza mu kirere gutya.‟ Kandi yaravuze, ati ”Iyo farashi yari ihagaze aho nk'ifarashi ya gisirikare mu miterere nk'iyi, yarasimbasimbukagakaga, kandi njyewe, nari mpagaze aho ntanyeganyega.‟ Kandi yaravuze, ati ”Mwakuruye ku migozi iyobora, nuko mwagiye mwerekeje iburengerazuba.‟

93 Yaravuze, ati “Nitegereje hasi, kandi aho hari hari itsinda ry'intiti.”

Kandi ku munsi ukurikiyeho mu gitondo (Byari kuwa gatandatu) ni ku munsi ukurikiyeho mu gitonso nabwirije ku ntiti, murabizi, nk'uko ari iby'umubi. Kandi yaravuze, ati “Intiti zasuka ibintu mu dukoresho

tw'isuzumiro kandi barabivangavangaga." Yaravuze, ati "Mwahagaritse ifarashi, mwazamuye ibiganza kandi mwatangiye gutera ejuru muti 'Nzazenguruka indi nshuro muri aka kayira.'" Kandi yaravuze, ati "Isi yose yaranyeganyeze. Abo bantu baranyeganyejwe." Yaravuze, ati "Bararebanye gutyo, kandi buburiye amaso kuri mwe. Bazamuye gusa intugu, kandi bakomeje ubushakashatsi bwabo bwa gihanga."

Yaravuze, ati "Mwarongeye mugenda mwerekeza iburengerazuba." " Kandi icyo gihe, ni ko yavuze, nabonye umuntu wiyitaga umuhanuzi, murabizi." Yaravuze, ati "Yaje, ari ku ifarashi y'umukara n'umweru." Kandi yaravuze, ati "Yuriye inyuma y'iyo farashi nini." Yaravuze, ati "Byari, hejuru cyane hirya y'ibicu, kandi inzira ntiyari ikiri ngari cyane kurenza ibyo." Kandi yaravuze, ati "Iyo farashi …" Yaravuze, ati "Umuyaga wahuhaga amababa kandi byose kuri - ku mwambaro wanyu." Hanyuma yaravuze, ati "N'umugara n'umurizo by'ifarashi byahuhwaga n'umuyaga. Umutware ukomeye, ifarashi nini y'umweru isimbukasimbuka rwose ku rugongo …" Kandi yaravuze - yaravuze, ati "Uwo muntu yaje inyuma yanyu; aturutse mu cyerekezo cya Canada." Kandi uwo muntu atuye muri Canada. Yaravuze, ati "Yaragarutse kandi yavuze ko yafashe ifarashi ye ntoya kandi yageragezaga kugusha ifarashi yanyu nini, ngo ayihenenure; yarayihindukizaga kugira ngo akubitishe ikibuno cyayo ku i …" Yaravuze, ati "Ntiyanyeganyeze namba ifarashi nini; iyi yakomezaga kugenda asimbukasimbuka. Yaravuze, ati "Hanyuma, uwo mwanya, ni ko yavuze, mwaragarutse." Yaravuze, ati "Yari inshuro ya gatatu muvuze, ariko yari inshuro ya kabiri muvuze muti "Nzazenguruka." Kandi yaravuze, ati "Mwaragarutse kandi mwahamagaye uwo muntu mu izina rye, kandi mwaravuze, muti "Va aha! Uzi ko nta muntu wabasha kugendera ku ifarasi muri uyu muhanda, Imana itarabimutegetse kubikora. Genda va aha."

94 Kandi yaravuze, ati "Umuntu yarahindukiye." Kandi yaravuze, ati "Uwo muntu yanyandikiye amabaruwa." Kandi yaravuze, ati "Ku matako y'ifarashi ye," iyo farashi y'umukara n' igisa. Yaravuze, ati "Izina rye ryari ryanditse ku matako y'ifarashi ye, umukono we, neza neza nko kuri iyo baruwa. Kandi yagiye ku ifarasi yerekeye amajyaruguru."

Yaravuze, ati "Nuko mwakomeje inzira yanyu; iyo farashi nini yarahindukiye, mwagiye na none kure uko mwari mubishoboye, iburengerazuba." Yaravuze, ati "Mwahagaze aho, kandi mwazamuye ibiganza gutya." Hanyum yatangiye kurira. Yaravuze, ati "Mwene Data Branham, kubona iyo farashi ihagaze aho, ingofero ya gihindi y'ibirori nk'ibyo …" Kandi yaravuze, ati "Kanda icyo gisingo cy'igituza n'ibindi byose cyarabagiranaga." Yaravuze, ati "Mwagumishije ibiganza mu kirere umwanya, kandi , ni ko yavuze, mwitegereje na none ibyo, mwongeye gufata imigozi iyobora kandi mwaravuze, muti 'Nzazenguruka inshuro imwe na none aka kayira!'" Yaravuze, ati "Isi yose yaranyeganyeze mu byerekezo byose, gutya." Kandi yaravuze, ati " Ntabuzima bwari bukiri muri njye; niyegetse iruhande rw'urutare, hanyuma narakangutse.

Yaravuze, ati "Ese ibyo bisobanuye iki, mugenzi wanjye?"

Naravuze, nti "Simbizi."

95 Umunsi ukurikiyeho mu gitondo, Junior Jackson, wari wagize inzozi za piramide, murabizi, igihe najyaga iburengerazuba … Mwibuke ko yari yampamagaye, ukwezi kumwe cyangwa abiri mbere. Yari yagize inzozi yagurumaniraga kumbwira. Ariko naravuze, nti "Mwinjize, iminota itanu."

Yinjiranye n'umugore we, kandi yavuze ko ari ukugira ngo abe umugabo. Yaravuze, ati "Narose, Mwene Data Branham, ko nari nagiye gutembera mu modoka n'umugore wanjye." Kandi yaravuze, ati "Nitegereje nerekeye iburasirazuba, nuko nabonye ikintu runaka cyasaga n'akantu gato, nka kimwe mu bikarayi biguruka."

96 Murabibona isi ntabwo izi icyo ari cyo. Murabizi, … Murabizi, byose biri mo. Twebwe dufite icyo ari cyo. Murabibona? Twebwe tuzi ko ari Abamarayika baba batata kubw'urubanza, murabibona. Kandi bo … Kuri (Pantagone) byose, birebana n'uburyo ikigo cy'ubutasi kibona ibyo; bigenda nk'umurabyo kandi bikazimira; byisoba ibyo "Pantagone ifite byose . Murabibona, ntabwo bazi icyo ari cyo. Murabibona? Ntibatekereza ibyo bashaka, bita ibyo ibikarayi biguruka, cyangwa icyo ari cyo cyose. Ntabwo babizi, murabibona.

97 Yaravuze, ati "kibonaga, kandi nacyitegerezaga. Kandi mu bigaragara, yari umuntu uri ku ifarashi. Kandi yaravuze ati " Yazaga ku muvuduko w'umurabyo." Yavuze ati "Nabonye ko yari agiye kugwa imbere yanjye. Nuko nahagaritse imodoka yanjye kandi nasohotse shishitabona." Icyo gihe, ni ko yavuze, imodoka … ifarashi yari ihagaze mu muhanda, ifarashi nini ya gisirikare y'umweru, yasimbasimbukaga." Iryo ni ryo jambo, ni byo rwose, murabizi, gusimbasimbuka.

Yaravuze, ati "Hari hari umuntu wari wicaye hejuru." Yaravuze, ati "We - yari yambaye umwambaro w'Iburengerazuba. Ntabwo yari umushumba w'inka, ahubwo," ni ko yavuze, yasaga n'umuyobozi w'ikigo cy'abashinzwe umutekano bagendera ku ifarashi, cyangwa ikintu runaka cyo muri ubwo bwoko." Murabibona? Mu bushobozi bwe bwose bw'umutware w'iburengerazuba, Abahinde hejuru y'Abahinde, abashinzw umutekano ku ifarashi hejuru ya … murabibona. Kandi yaravuze, ati "Uwo muntu yari afite ingofero ye icengejwe ku mutwe, kandi yari afite … Yitegerezaga iruhande." Kandi yaravuze, ati "Igihe

yahindukiye, ni ko yavuze, yari mwebwe, Mwene Data Branham.‟ Yaravuze, ati ″Ntimwavugaga nka mbere. Mwaravuze, muti “Junior!” Naramuhamagaye inshuro eshatu. Yaravuze, ati “Ngiye kukubwira icyo ngomba gukora. Kandi yaravuze, ati ″Rero, mwakuruye imigozi iyobora y'ifarashi. Yasimbutse hafi gatatu, kandi yazamutse mu Ijuru, kandi mwagiye mwerekeye iburengerazuba.!

98 Yaravuze, ati “Umwanya muto nyuma, naritegerezaga, kandi dore ifarashi nto cyane yaraje; yo mu bwoko bumwe, ariko nto cyane, kandi yahagaze aho.” Yaravuze, ati “Naregereye; naribwiraga nti ″Agomba kuba yohereje iriya kubwa njye.‟ Yaravuze, ati ″Narayuriye.‟ (Junior nawe yakoze gake ubuhanga bwo kurira. Yarambwiye ati ″Muzi ibyo ari byo, igihe intebe igukwiriye, Mwene Data Branham, impeta bakandagiramo n'ibindi byose.‟ Yaravuze, ati ″Naribwiye nti ' Oh! Iyi yo irankwiriye neza.' Nuko nafashe imigozi iyobora, kandi nagiye nerekeye Ijuru.‟ Yaravuze, ati ″Nakuruye ku migozi iyobora kugira ngo nyihagarike, narayihindukije, kandi naragarutse. Murabona?‟ Yaravuze, ati ″nahagaritse ifarashi, naramanutse mvugana n'umugore wanjye. Nuko ifarashi yarigendeye.‟ Kandi Junior yari abuze amahoro rwose.

99 Hanyuma ejo bundi hashize, hashize iminsi itatu, Leo Mercier yazanye neza neza inzozi zimwe, atabizi; yageragezaga igikorwa cyo kubangurira ifarashi y'umwimerere n'ifarashi y'ingore yirabura, kandi ntiyabibashaga; yari ababaye. Yambwiye ko nageze aho, naravuze, nti “Leo,” kandi namubwiye uburyo njyewe, nabyifatagamo. Sinifuza kubisubiramo aha, murabibona ko namubwiye uburyo nabyifatagamo. “Mwaravuze, muti 'Ntureba, atazi ibi: Sinari nzi ko Ed Daulton yari afite muramu we, kandi ko muramu we yari afite imbwa yitwa iryo zina. Uzamenya ko urimo kurota, Leo. Ariko igihe uzakanguka, wibuke ibyo!'” Kandi yaravuze, ati “Sinari narigeze na rimwe numva itegeko nk'iryo.”

100 Hafi mu gihe kimwe, Roy Roberson yaraje, yaravuze, ati “Mwene Data Branham muribuka icyo gihe, mbere y'uko muva ku itorero ku nshuro ya mbere? Twari turi … Nari nababonye mwicaye, byari uko muri Palestine. Twari turi twese aho, inama y'ubuyobozi n'ibindi byose, twicaye nk'abagose ameza y'ifunguro ry'Umwami, kandi mwaravugaga. Kandi mwebwe … Ntimwari muzi ku buryo buhagije ibyo mwavugaga.” Yaravuze, ati “Igicu cy'ubwiza cyererana cyaramanutse kubafata, cyarabatwaye.”

Ni bangahe bibuka inzozi za Mwene Data Roy? Kandi yaravuze, ati “Icyo gicu cy'ubwiza cyererana, cyarabatwaye,” Kandi yaravuze, ati “Ntimwari mukiri aho na mba. Nazengurukaga imihanda n'ibirenge, ntera hejuru urusaku kandi ndira.”

Igihe nagarutse aha, yari ari aho, n'ukoboko kwe kumugaye nka … Yajugunye rato ye, nuko atangira kurira, igihe yambonye nje, nk'uko ntari namubonye mbere, yantekerereje inzozi ze. Kandi yaravugaga … Yari arimo gukorakora. Naravuze …

101 “Kandi mwe mwaragiye.” Yaravugaga ati “Nazengurukaga imihanda, hose, ngerageza kubabona. Sinabashaga kubabona ahariho hose. Nateraga hejuru ngira nti ″Oh! Mwene Data Branham, ntimugende!‟ Yaravuze, ati ″Igicu cy'ubwiza cyererana cyaje kubafata, kandi cyabajyanye kure yacu, ahagana iburengerazuba.‟

Byari mbere ya piramide, cyangwa ikintu icyo ari cyo cyose. Yaravuze, ati “Cyabajyanye ahagana iburengerazuba. Kandi njyewe, narariraga, nzenguruka imihanda.” Nyuma y'umwanya, nagiye kwicara ku meza. Kandi igihe nubuye amaso kandi nkitegereza ku mpera y'ameza … Yaravuze, ati “Nababonaga gusa nk'ikiremwa cyererana nk'urubura.” Yaravuze, ati “Mwari muri aho.” Kandi yaravuze, ati “Mwavuganaga ubutware. Byarumvikanaga rwose.” Yaravuze, ati “Buri muntu yumvaga neza neza ibyo mwavugaga.”

None, Mwene Data, mushiki wacu, buri wese muri mwe arabizirikana, nzi icyo ari cyo ibyo bisobanura. Murabibona?

Mube maso! Mwizirike kuri Kirisito. Mundeke nk'umukozi w'Ubutumwa bwiza, mbahe iyi mburo. Ntimukamire ibyo ari byo byose. Ntimugire icyo mwibaza. Ntimutirimuke aho, kugeza ubwo aho imbere h'imbere haba hashikamye mu Ijambo, kugeza ubwo muba muri Kirisito, kubera ko nicyo kintu rukumbi kiza … Kubera ko turi mu gisekuru gishukana cyane cyo tutigeze na rimwe tugira. “Cyayobya ndetse Intore, bibaye bishoboka,” kubw'ibyo, bafite ugusigwa, babasha gukora byose nk'abandi.

102 Mushyire ubuzima bwanyu muri gahunda. Mwishyure amadeni yanyu. Yesu yaravuze, ati “Ntimugire icyo mugomba uwo ari we wese.” Oya ntabwo … None, simvuga ikodi y'inzu yanyu n'ibindi byose, nta kindi mwabasha gukora. Mwiyambure byose. Mushyire byose muri gahunda. Mwitegure. Muhagarare mwiteguye. Mwibuke, mu Izina ry'Umwami, ikintu runaka kiri hafi kubaho.

Iki cyumweru, nzajya mu misozi, ntabwo muby'ukuri ari kubwo guhiga inkima; ni byo rwose, nkunda rwose guhiga inkima. Ariko, impamvu ituma njyayo, ni kubwo kuvuga, nti “Oh! Mana! Sinkimenya uruhande nerekezamo, kandi sinifuza guhomba ibi. Mfasha!”

Munsabire. Mugende mubikore? Njyewe, nzabasabira. Ndizera ko, kubw'ubuntu bw'Imana, nzabonana namwe mwese, kandi ko tuzabonanira mu Gihugu gihebuje kuruta iki ng'iki.

103 Kubera iki tuza aha? Ni iki dukora? Ese tuza aha kubwo gukina? Ese tuza aha kugira ngo duterane nk'ihuriro ryo kwishimisha? Kirisito ntabasha kuza igihe cyose Itorero ritari muri gahunda ku buryo bwuzuye. Ni twebwe Ategereje. Nizera ko turi ku iherezo.

Mwitegereze Calfornie. Murebe imyivumbangatanyo. Murebe ubwicanyi cumi n'icyenda bwakozwe, ibyaha by'ivanguramoko. Sinari nababwiye aha, nta gihe gishize aha, ko uwo Martin Luther King yajyaga kuyobora ubwoko bwe ku bwicanyi? Ni bangahe babyibuka? [ Itorero riravuga riti "Amina." - N.D.E] Ntabwo ari bariya bantu b'abirabura; ni abayobozi babo, babasunikira ku kwivumbagatanya. Ntabwo ari uguhabwa uburenganzira bureshya, ivanguramoko, cyangwa izina iryo ari ryo ryose bashaka guha ibyo, ni umubi! Ni byo. Kandi ntabwo gusa ari ku Bazungu, abantu birabura; ni bose. Ni umubi.

104 Ubushobozi bwo gutekereza n'imitekerereze ya kimuntu byarononekaye. Ntakizere na kimwe gihari . Ntihariho icyizere, ni icyizere nta cyo. Byose birononekaye. Ububasha bwo gutekereza bw'abantu; ntibazi gufata ibyemezo.

Sindi umuntu w'umunyapolitike. Oya. Sindi ushyigikiye demukarasi, cyangwa ushyigikiye repubulika. Bose barononekaye. Ndi uw'Ubwami, kandi ni Ubwami bwa Yesu Kirisito. Ni ibyo. Ariko mwigeze mubona itsinda ry' abantu b'udukingirizo nk'abo dufite aho ubu, nka ririya tsinda rya Texas dufite aho? None, baravuga, bati "Ni ibijyanye n'cyifuzo cya rubanda! Niba bifuza ubukomunisimu, bazabaha ubukomunisimu. Niba bifuza guhabwa uburenganzira bureshya, bazahabwa uburenganzira bungana. Niba bifuza ivanguramoko, bazabaha … icyo ari cyo cyose." Abantu bageze he?

Oh! Mana! Ni nko ku ruhimbi. Abantu bageze he, abantu bazima, abantu, barengera amahame? Bari he abagore barengera amahame? Itorero riri he rirengera amahame? Simfite rwose igihe cyo guta ku mwuka w'ubugwari, w'ububwa, uhindagurika. Niba umugore ari umugore, abe umudamu. Niba umugabo ari umugabo, abe muby'ukuri umugabo.

105 Niba ari Umuperezida, bari he ba John Quincy Adams? Bari he ba Abraham Lincoln, abantu b'amahame? Wabona he Patrick Henry, wavugaga, ati "Mumpe ukwishyira ukizana, cyangwa Urupfu?" Ari hehe umuntu ufata igihagararo ku by'ukuri? Ari hehe umuntu udafite ubwoba bwo kuvuga, uko byamera kose niba isi yose imurwanya, umuntu uzafata igihagararo kuby'ukuri, agashyigikira ibyo kandi akazatanga ubuzima bwe ku bw'ibyo?

Wabona he na none Arnold Von Winkelried uyu munsi? Wabona he abantu b'inyangamugayo? Wabona he abantu b'intwari? Ni imbwa bikabije ku buryo batamenya ndetse umwanya wabo. Yoo! Mana, mbasha, nk'umubwirizabutumwa, gushyigikira amahame y'Umuntu umwe rukumbi, Ijambo rya Yesu Kirisito. "Kuko Ijuru n'isi bizavaho, ariko Ryo, ntirizateba na rimwe. Kuri iryo Buye Nzahubaka Itorero Ryanjye; amarembo y'ikuzimu ntazarishobora."

Duhaguruke.

Hahabwe umugisha umurunga

Uhuriza imitima yacu mu rukundo rwa gikirisito,

Ubusabane bw'ubugingo buva inda imwe

Ni nk'ubwo aho Hejuru.

Noneho, mufatane ikiganza.

Igihe tuzatandukana

Ibyo bidutera intimba

Ariko mu mitima yacu, igihe cyose tuba

turi umwe,

Twizera kongera kubonana,

Tuzongera kubonana, tuzongera kubonana,

Tuzongera kubonanira, ku birenge bya Yesu.

Tuzongera kubonana, tuzongera kubonana

Imana ibane na mwe

Kugeza twongeye kubonana.

106 Noneho, twunamishe umutwe, mu gihe Mwene Data Neville adusezeresha isengesho. Mugaruke rero

kuri uyu mugoroba. Turateganya iteraniro rihebuje kuri uyu mugoroba, aha mu Ihema. Imana ibahe umugisha. Kandi munsengere; ndaza kubasengera. Nshuti zanjye, ntimutekereze ko ndi inkundarubyino. Ntimutekereze ko ngerageza kubahatira ikintu runaka. Ndabakunda. Mfite amahame, kandi ni Bibiliya. Ntubasha kuyikuramo Ijambo rimwe, cyangwa kuyongeramo Ijambo rimwe. Ndayizera nk'uko Yanditswe.

None twunamishe umutwe, mu gihe umushumba wacu w'agaciro gakomeye kandi wo kwizerwa asezerera iteraniro. Imana ibahe umugisha, Mwene Data Neville.

MESSAGE hub online
www.messagehub.info

Ibibwiriza bya
William Marrion Branham
"...mu minsi y'ijwi ..." Ibyah. 10:7